

YESU YARANYIYERETSE

Umwami Yesu yazanywe no guhamagara
abanyabyaha (Matayo 9:13)



Zibuhamya bwa
Nyakamwe Christine

Ibirimo

Igice cya I: Ijambo ry'Ibanze.....	3
I.2 Gushimira.....	3
I.3 Iriburiro.....	3
Igice cya II : Nari mu mwijima Yesu aramurikira.....	4
Igice cya III : Ubuhamya burambuye.....	6
III. 1 . Uko nari meze ntarahura na Yesu Kristo.....	7
a. Nari umunyamujinya.....	7
b. Nari umuntu ugendera ku bwoko.....	8
c. Nakundaga amafaranga.....	9
d. Nari mfite irari ry'inzoga n'iry'ibiryo.....	10
e. Nari umunyabwoba.....	11
f. Umwanzuro.....	12
III. 2. Uburyo nahuye n'umwami Yesu Kristo.....	13
III. 3. Impinduka zambayeho maze kwakira Yesu Kristo.....	19
III.3.1.Umwami Yesu Kristo yarampinduye.....	21
a. Yahosheje uburakari muri njye, anshoboza no kubabarira.....	21
b. Yankijije amacakubiri.....	25
c. Yankuyemo urukundo rw'amafaranga n'iby'isi.....	26
d. Yankuyemo irari ry'inzoga n'amafunguro.....	28
e. Yankuyemo ubwoba	32
f. Umwanzuro	33
III.3.2. Umwami Yesu Kristo yaranyiyeretse.....	34
a. N'ijwi rirenga, yarampamagaye ubundi ampa amayerekwa.....	34
b. Yakijije abarwayi anzamurira kwizera.....	38
c. Umwami Yesu Kristo yampaye umurimo we.....	43
Igice cya IV: Umwanzuro : Ubutumwa.....	50

Ijambo ry'Ibanze

Mbanje gushima Imana ishobora byose nyiri ijuru n'isi yo yandemye mu ishusho yayo, ikanyihanganira igihe nari mu mwijima wa Satani no muri kamere y'icyaha. Imana yandindiye mu bihe by'uburwayi bwari bukomeye.

Ubwo burwayi nabugize mfite imyaka 18, icyo gihe nabaye nk'upfuye, ngiye kubona nisanga ahantu banshyize ku bisate by'inkwi byaka umuriro. Nari nageze kwa Satani kuko nari mfuye ntakijijwe.

Ku bw'urukundo rw'Imana ntiyemeye kuntakaza, yankujeyo ukuboko kwayo gukomeye nsubira kuba muzima. Imana yandinze impanuka nyinshi z'imodoka n'ibindi byago byashobora kunkura mu mubiri.

Ibyo byose, byari ibitero bya Satani byari bigamije kundimbura ntarakizwa ariko Imana yanjye yandamburiye ukuboko kwe kw'iburyo, irantabara, irandinda kugira ngo ntazapfa ntakijijwe kuko naremewe ubugingo buhoraho.

Imana ni yo yivugiye iti *"N'ukuri, nagukunze urukundo ruhoro ni cyo cyatumye ngukuriza ineza yanjye nkakwiyegereza"* (Yeremiya 31:3). Imana yankuruje ineza ye iranyiyegereza. Nanjye narayitabye. Nawe utari wayitaba, ukwiriye kubikora, kuko twese iraduhamagara, yicara itugerageza ngo tuyigarukire.

Urukundo rwe ruratangaje. Urukundo rwe ntirugira akagero, ntirurondoreka. Uko yankunze, nawe ni ko yagukunze, ntigira nkunzi, idukunda twese kuko ni we Data wa twese wo mu Ijuru. Urukundo rwe ntirugira iherezo kandi idukunda ititaye ku cyo turi cyo nubwo dukiranirwa.

Imana yankunze ntakwiriye ntakiguzi yanciye, yankunze nta mpamvu n'imwe. Sinari nkwiriye kubona urukundo rw'Imana. Nta kindi navuga, yankunze kuko yankunze gusa (2 Gutegeka 7:7) yankunze ku bw'urukundo rwe gusa.

Yankunze nkiri mu byaha, yankunze ntamwitayeho, yewe ntanamushatse ariko we yanyitayeho, arantekereza, aranyishakira kugeza aho ambona. We ubwe, yaranyihamagariye, arangije anyuhagiza amaraso ye, ankiza ibyaha aranyeza.

Nta muntu n'umwe wigeze kunyigisha iby'Agakiza, nta n'ubwo nari narigeze mbana n'abakijijwe, ababyeyi banjye ntibigeze bamenya iby'Agakiza ngo babe baranyoboye mu Gakiza

(Ezekiyezi 16 :1-14)

I m a n a
y a r a m p a m a g a y e
iranyigisha ingira
inama inyereka n'inzira
nkwiriye kugenderamo,
imfata ukuboko
iranyobora, indera
nk'uko umubyeyi yita
ku ruhinja rukivuka,
imaze kubona maze gushinga intege, impa
inshingano mu murimo wayo wo gukwiza hose
inkuru nziza y'Agakiza, no gukangurira abantu
kwita ku iherezo ryabo, kuko Umwami wacu Yesu
Kristo ari bugufi.



Nahozze ndi umunyabyaha nari narigometse ku Mana nta mirimo myiza nari narakoze, yabasha kundengera. Ariko ibyo byose, byaterwaga n'ubujiji bwo kutamenya Agakiza. Mu gihe gikwiye, Imana yarantabaye impa Agakiza ari we Mwana we w'Ikinege, yancunguje amaraso ye yameneye ku Musaraba.

None ubu, narababariwe, ndi mu mubare w'abana b'Imana.

Ese, nakora iki kugira ngo nshime Imana uko bikwiriye?. icyakora, nzamuvuga uko namubonye, nzamumenyesha ab'ibi bihe n'ab'ibihe bizaza, mushime iteka ryose.

N'ubu, nanjye muhaye ishimwe n'icyubahiro nkoresheje amagambo intumwa y'Imana Pawulo yakoresheje yo gushimira Imana imbabazi yamugiriye. Yagize ati: *"Ndashima Umwami wanjye Yesu Kristo yambashishije, yatekereje ko ndi uwo kwizerwa, akangabira umurimo we, nubwo nabanje kuba umuhakanyi n'urenganya n'umunyarugomo ariko, narababariwe kuko nabikoze mu bujiji ntazirera"*.

Ubuntu bw'Umwami wacu, bwarushijeho kunsagiriza, bufatanije no kwizera n'Urukundo rubonerwa muri Yesu Kristo. Iri jambo ni iryo kwizerwa, rikwiriye kwemerwa rwose, y'uko Yesu Kristo yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha, muri bo ni njye uri imbere ariko icyatumye mbabariwa ni ukugira ngo yerekanire muri njye uw'imbere kwihangana kwe kose, ngo mbe icyitegerereze cy'abazamwizera bagahabwa ubugingo buhoraho. Umwami nyiri bihe udapfa ari we Mana imwe yonyine, ihimbazwe, kandi icyubahiro kibe icyayo iteka ryose". 1 Timoteyo 1:12-17

I.2 Gushimira

Nshimiye abana b’Imana bagiye bansengera kugira ngo nkizwe, nshimiye Mukamurangwa Sebera Henriette umukozi w’Imana, Imana yakoresheje, akaza kuntwara ku gahato mu nzu y’Imana kugira ngo nyje gukizwa.

Nshimiye Joyce Mayer Umuvugabutumwa Mpuzamahanga waturutse muri Amerika. Imana yamuhaye umutwara w’ubutumwa bwiza ku Rwanda kugira ngo abwirize Abanyarwanda bakizwe. Yakoresheje uburyo bwinshi kugira ngo atugereho, nyamara yabonye umusaruro munini muri runo Rwanda. Ni benshi bakijijwe ku bwe, muri abo yabwirije kugira ngo bakizwe nanjye mbarimo, biciye mu Ijambo Imana yamunyujijemo.

Nshimiye kandi abakozi b’Imana bagiye batanga inama kugira ngo mbashe gukura mu buryo bw’umwuka. Bagiye bampugura, bagiye bansengera, bakankomeza mu nzira y’Agakiza. Nyamara inzira yo iracyari ndende kuko tugikeneye n’abandi bazakomeza kutuba hafi.

Nshimiye ababyeyi bateguriye umukozi w’Imana Joyce Mayer igiterane cy’abategarugori muri Serena, ari na cyo Imana yampereyemo Agakiza.

Nshimiye Umuyobozi w’Itorero ryanjye riyitwa “Living World Church” rikorera Kanombe ndetse n’abakristo dusengana, kuko badasiba kuntera ingabo mu bitugu, kugira ngo umurimo w’Imana yampaye uter’imbere.

Nshimiye umuryango wanjye,

umutwara wanjye nkunda Ambasaderi Polisi Denis n’abana banjye bose, bo batigeze bambangamira muri ino nzira y’Agakiza, ahubwo bamfashe mu mugongo, bampa n’uburyo nkoresha mu murimo w’Imana.

Imana nyiri ngabo, itangiriro n’iherezo rya byose, nzamushima iteka ryose, mpfukamyeye imbere ye, muhaye icyubahiro, kuko ari we ugikwiriyeye iteka ryose, Amen.

Mbifurije mwese kubana n’Imana no kugirirwa neza nayo iteka ryose.

I.3 Iriburiro

Iki gitabo ni cyo cya mbere nanditse, kikaba kibanjirije ibindi byinshi bizakurikira nk’uko Imana izagenda inshoboza. Kikaba kigamije gushyira ahagaragara ubuhamya bw’uburyo Yesu yampamagaye ndi umunyabyaha nkamwitaba, ngakizwa. Bugamije kandi kugaragaza uburyo nabanye n’Imana, uburyo yagiye impindura, ndetse n’uburyo yampaye umurimo we.

Bugamije kandi kugaragaza uburyo Imana yagiye inyiyereka, uburyo yagiye ivugana nanjye, kugeza n’aho yangiriyeye icyizere cyo kumpa ubutumwa buduhugurira kwita ku iherezo ryacu, itubwira ko gukina byarangiyeye, kuko Umwami wacu Yesu Kristu ari bugufi bwo kujyana Itorero rye.

Gutagariza abantu ubu buhamya ni Imana yo ubwayo yabinkanguriye, navuga ko yabintegutse. Njya gutangira gutangaza ubu buhamya ni Umwami Yesu wankuyemo ubwoba arantinyura.

Hari ku cyumweru, hashize umwaka

wose nakiriye Agakiza, twari mu rusengero, noneho Pasiteri yahamagaye abashaka kwakira Agakiza, haza abana b'abangavu 5. Abahungu 3 n'abakobwa 2.

Noneho numva ijwi rimbwira ngo "Reba inyuma yawe icyo nkweruka". Narahindukiye nyuza amaso mu bari bicaye inyuma yanjye bose, Imana irambaza ngo "Uribaza ko abo bantu bose bakuze bari aha ngaha bakijijwe?". Imana irambwira iti: "Nagukijije ukuze, none kuva uyu muni, ukwiriye kuvuga ibyo nzakubwira byose n'ibyo nzakweruka byose, kugira ngo abandi bakizwe".

Mu byukuri guhamya Imana ni inshingano ya buri wese

Muri Yesaya 43:10-13 hagira hati "Uwiteka Imana yacu aratubwira ati "Mwebwe n'umugaragu wanjye natoranije, muri abagabo bo guhamya ibyanjye. Ni ko Uwiteka avuga, kugira ngo mumenye, munyizere, munyitegereze ko ari njye. Nta Mana yambanjirije kubaho, kandi nta nizamperuka".

Twebwe n'Umugaragu we Imana ivuga hano ari we Yesu Kristo, ni twe bagabo bo guhamya Imana, tukavuga imirimo ikomeye ikora, tukavuga urukundo n'ubwiza bwe, tukavuga Imana uko twayibonye, kugira ngo abatarayimenya bayimenye, bayikunde, kandi bayizere.

N'Umwami wacu Yesu Kristo, yarabitwibwiriye mu butumwa bwiza twagejweho na Matayo 10:32-33 hagira hati "Umuntu wese uzampamiriza imbere y'abantu, najye nzamuhamiriza imbere ya Data uri mu ijuru. Ariko uzanyihakana imbere y'abantu wese, nanjye nzamwihakana imbere ya Data uri mu ijuru".

Igice cya II:

Nari mu mwijima Yesu aramurikira

Maze kwakira Yesu mu mutima wanjye, maze kumugira Umwami wanjye n'Umukiza wanjye, ubuzima bwanjye bwagiye buhinduka. Nahoranaga ubwoba budatuza kuva mu buto bwanjye, mbana n'agahinda mu mutima katagira impamvu, bigatuma umutima wanjye uhora wihebye. Nari ndushye.

Yesu amaze gutaha mu mutima wanjye, yampaye amahoro, umunezero n'umutuzo w'umutima bitagereranywa. Nahoraga ndakaye nta n'impanvu zigaragara zihari. Nari umugore wuzuye amahane. Nari umugore w'umwirasi, nagiraga inzika, sinarinzi kubabarira.

Nagiraga amahame ashingiye ku ijambo rivuga ngo "Ijisho ku rindi, iryinyo ku rindi". Unkubise igipfunsi, nkamukubita ikindi, yankandagira nanjye nkamukandagira. Sinabasha kubabarira. Sinakundaga abandi, urukundo rwari rwarakamutse mu mutima wanjye. Uko nakuraga ni ko urukundo rwagendaga rugabanuka.

N'abana bacitse ku icumu rya Jenoside bo mu muryango w'umugabo wanjye nabareraga ntabakunze. Byari nk'itegeko, kuko nta bandi bari barasigaranye babasha kubitaho. Nari mfite amacakubiri mu mutima wanjye. Nangaga abitwa ko tudasangiye ubwoko. Nta muntu nakundaga, nikundiraga amafaranga kandi nari nyafite ariko gutanga byari bigoye.

Iyo byabaga ngombwa ko hagira icyo ntanga, nicuzaga amezi n'amezi. Nta mpuhwe nagiraga. Nari nzi ngo nzi Imana ariko mu by'ukuri ntayo nari nzi na mba. Nari nzi ko nkunda Imana, ariko ntabwo nayikundaga, kuko ntabwo mu mategeko yayo, kandi nkumva nta n'umutima uncira urubanza.

Ntabwo nari mfite Imana mu buzima bwanjye, ikibabaje sinari mbizi. Ibaze, kugeza ku myaka 52. Nari nzi ko iyo mpfa muri icyo gihe, nari kujya mu Ijuru, nyamara, nari mu nzira yo kurimbuka, ariko sinari mbisobanukiwe.

Nari injiji nubwo nari mfite impamyabumenyi ya Kaminuza. None, nahishuriwe Ijambo ry'Imana riboneka muri *Yobu 28:28 rivuga ngo "Kubaha Imana ni bwo bwenge, kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka"*.

Ubu maze gusobanukirwa ko ubwenge dukeneye ni ubwo kwitegurira neza ubuzima buhoraho. Nta kibabaza nko kubona umuntu witwa ngo yarize kandi ari injiji. Hariho na ba dogiteri b'injiji kuko batazi Imana. Byaba bimaze iki kwiga amashuri menshi nyuma ntuzabone ubugingo buhoraho?.

Ubu, namaze gutahura ko ubukire buruta ubundi bwose, ni ukugira Umwami Yesu mu bugingo bwacu. Byaba bimaze iki kugira amafaranga menshi hanyuma ukabura ijuru?, cyangwa byaba bimaze iki kugira icyubahiro cyo muri ino si ukabura ijuru?.

N'Umwami wacu Yesu Kristo yaratubwiye mu ubutumwa bwe bwiza bwanditswe na *Mariko 8:36-37* hagira hati *"Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa*

ubugingo bwe?. Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?".

Igihe Umwami Yesu yinjiraga mu buzima bwanjye, ntabwo nakomeje kuba uko nari meze, kuko umwami Yesu yampaye umutima mushya, noneho yinjira no mu bitekerezo byanjye arabihindura byose.

Umwami Yesu yanshyizemo ubundi buryo bwo gutekerezwa. Yampaye umutima mushya w'impuhwe witwararika abandi. Amacakubiri ashingiye ku moko yabaga mu mutima wanjye ntabwo namenye iyo yanyuze. Umuntu wese mubona nk'umwana w'Imana, nkundanishwa na we n'amaraso y'Umwami wacu Yesu Kristo. Nize guca bugufi imbere y'Imana n'abantu.

Impinduka zidasubirwaho zabaye mu buzima bwanjye, zatumye ngira umutwaro w'abataramenya inzira y'Agakiza. Iyo nzira, itangirana no kwakira Yesu mu buzima bwacu. Natangiye kubasengera mbwira Imana ko abantu benshi muri ino si ko batazi inzira y'Agakiza.

Impamvu ikomeye nasanze amadini n'ayitwakoariya Kristo, ntabwo yabwije ukuri abayoboke bayo mu bijyanye n'ubutumwa bwiza bw'Agakiza. Ngo bamenye ko inzira yonyine ijyana mu ijuru, ko ari inzira y'Agakiza. Umwami Yesu yaje mu isi apfira abari mu isi bose ariko, hazakizwa abazaba barafashe ingamba yo guhitamo kwakira Umwami wacu Yesu Kristo nk'Umwami n'Umucunguzi wabo no kugendana na we.

Ibyo ndabivuga mbishimangira kuko kugeza ku myaka 52 nta muntu n'umwe

wabashije kunsobanurira “Agakiza”, uburyo umuntu akizwa n’icyo akizwa icyo ari cyo n’umumaro w’Agakiza. Nyamara, abantu benshi bahoraga baza kumbwira ngo nkizwe ariko bakananirwa kunsobanurira impamvu yabyo.

Namaze amajoro menshi ndirira Imana ngo insobanurire ijambo “AGAKIZA” icyo ari cyo kugira ngo nzabashe gufasha abari bakimeze nk’uko nari meze, ntari namenya ukuri.

Umutima wahoraga unshinja mu gihe nibukaga ijambo Uwitaka yavuze ngo *“Ubwoko bwanyije burimbuwe no kutamenya, nkumva bimbabaje cyane, kuko nanjye nari ngiye kurimburwa no kutamenya. Amasengesho yanyije yarumviswe, noneho Umwami Yesu yaje kumpa imfunguzo 3 zari zanditseho amagambo atatu.*

- Urufunguzo rwa mbere ni Agakiza
- Urufunguzo rwa kabiri ni Amaraso ya Yesu
- Urufunguzo rwa gatatu ni Imirimo myiza

Yesu amaze kumpa izo mfunguzo eshatu yarambwiye ati “Urufunguzo rwa mbere ni rwo rufungura imitima yinangiye. Urufunguzo rwa kabiri ni rwo rukura abantu mu buturo bwa Satani, rukabakiza ibyaha. Urufunguzo rwa gatatu ni rwo ruzamura abantu mu ijuru. Yesu arambwira ati : “ Nguhaye izi mfunguzo z’ijuru zikingurira abantu batuye mu isi kugirango uzigeze ku bandi.”

Ndatekereza ko icyatumye mpishurirwa icyo izo mfunguzo zivuga, ni ukugira ngo nkore inshingano nahawe na nyiri isi n’ijuru yo kugeza ku batuye isi ubwo butumwa.

Ubu rero ngiye kwandika ibitabo bigaragaza ibyo Imana yagiye inyereka. Imana yagiye mpishurira ubwiru bwayo , kugira ngo bugaragarire bose, hatazagira ugira icyo yireguza ngo ntiyamenye uko yabigenza ngo abone ubugingo buhoraho.

Mfite ibyiringiro ko Umwami wacu Yesu Kristo wampaye imbaraga z’Umwuka Weraunkoreramo,koazagendanananjye, uyu murimo ntangiye ukazagenda neza kandi ukazatanga umusaruro mwinshi nk’uko yabigambiriye, abantu benshi bakawuboneramo Agakiza no guhembuka kw’imitima yabo.

Igice cya III:

Ubuhamya burambuye

Ubu buhamya bugizwe n’ibice bitatu:

1. Uko nari meze ntarakira Yesu Kristo nk’Umukiza w’ubugingo bwanyije.
2. Uburyo nahuye n’Umwami wanjye Yesu Kristo.
3. Impinduka zambayeho kuva umunsi mpura n’umukunzi wanjye Yesu Kristo.

III. 1. Uko nari meze ntarahura n'Umwami Yesu Kristo, Abaroma 8:5-8

Ntarahura n'Umwami wanjye Yesu Kristo, nayoborwa na kamere y'umubiri yansunikira mu kwita ku by'umubiri, mbigwanirira, ntitaye ku nyungu z'abandi.

Namaze imyaka 52 ntari muri Yesu kandi nzi ngo ndi muri we. Nyamara nari mu idini ryitwa ngo ryemerera muri Yesu Kristo kuva mu buto bwanjye. Nabatijwe ndi uruhinja rw'umunsi umwe. Ababyeyi banjye nibo banyise Christine. Ababyeyi banjye bari abakristo b'idini. Kuva nkiri muto cyane, banyigishije gusenga, banyigisha no gukomeza imihango yose y'idini.

Nkirimutocyane banyigishije amategako 10 y'Imana, banyigisha n'amasengesho yo gufata ku mutwe, cyane cyane Dawe wa twese wo mu Ijuru na Mwaramutse Mariya. Jyewe n'abo tuvukana, badusengasha, buri gitondo na buri kigoroba. Ntitwashobora kuja kuryama tutavuze Irozari (amashapule 3).

Buri cyumweru, twagombaga kuja mu misa, kandi twagomba kuja gusenga byibuze gatatu mu masengesho yo murukerera. Nari narahawe amasakramentu yose asabwa n'idini, nyamara ntabwo nabaye mu bushake bw'Imana kandi nta n'umutima wanciraga urubanza, kuko nari nzi ngo ndi mu nzira nziza. Maze gukizwa, ni ho namenye ko kuba muri Yesu ko ntaho bihuriye no kuba mu mihango y'idini.

Nubwo nari mu idini nari narakandamijwe muni y'Ubwami bwa

Satani nyoborwa na kamere zanjye.

a. Nari umunyamujinya

Nari umuntu uhora urakaye, akantu gato kose karandakazaga. Nahoraga mvugana nabi n'umugabo wanjye n'abana n'abakozi. Kandi ni njye buri gihe washozaga intambara".

Mu rugo iwanjye no mu mirimo yanjye, nta mahoro yahabaga, hahoraga intambara. Abakozi bo mu rugo nabahozagaho inshi, sinasibaga kubakubita. Iyo nabyukaga, abaturanyi bose bagombaga kumenya ko Kirisitina yabyutse, kuko induru zahitaga zitangira. Ni yo nasangaga isahani itari mu mwanya wayo byaracikaga.

Nari umunyamujinya, ku buryo iyo nabaga nabyukiye ukuguru kw'ibumoso nk'uko babivuga mu gifaransa (se lever du pied gauche), icyo gihe, nabaga mfite umujinya mwinshi nkibyuka nta n'uwo turavugana, ku buryo numvaga ngomba gukubita umuntu byanze bikunze kugira ngo numve ko naruhuka mu mubiri no mu mutima.

Nahoraga nsaba n'umugabo wanjye ngo azane itama rye mukubite urushyi numve ko naruhuka. Mu byukuri, umutware wanjye yari yaragowe kuko ntamwubahaga. Kandi ubu, sinakubwira icyo twapfaga icyo ari cyo. Hari igihe tujya twicara tukabisubiramo, nkamubaza ukuntu yanyihanganiye ntanyirukane, tukaba twarabanye icyo gihe cyose nta n'ubwo nahukanye n'umunsi n'umwe. Maze akambwira ngo "Icyatumye ntakwirukana n'uko nagukundaga cyane".

Mu by'ukuri, urukundo nk'uko Ijambo

ry’Imana ribitubwira ngo rwihanganira byose, rukababarira byose, aha koko, ni cyo gihe cyo kubyemeza (1 Abakorinto 13: 4-7). Umutware wanjye yahoraga ambwira ngo “Ariko wowe ntushobora kugabanya amahane ukavuga neza”.

Noneho nkamusubiza ntera hejuru ngo “Jyewe sinshobora guhinduka, ni ko Imana yandemye” nkongera nkamubwira ko iwacu twese turakara, ko ari ko duteye, na Data yararakaraga. Nkongera nti “Nubwo nakwikubita kw’ibuye, napfa, ariko sinahinduka. Nkamubwira nti “Ubwo rero ihangane”.

Koko, umugabo wanjye yaranyihanganiye. Abanzi mu rugo rwanjye uko nari meze, bajyaga bibaza uburyo umugabo wanjye yabashaga kubana nanjye, bakamuririra. Bakavuga uburyo yagowe. Nyamara burya, Imana ihuza umugabo n’umugore, ibanza kwitegereza nimba bazabasha kubana ikabahuza badateye kimwe.

Baca umugani ngo “ Inkuba ebyiri ntizisangira igicu”. Iyo Umutware wanjye na we aba umunyamahane nkanjye, nta n’umwaka twari kumarana, n’uko nazamukaga na we agacisha make, natangira kuvugana amahane akanyihorera.

Amahanentiyagarukiragamu rugogusa. Aho najyaga hose, haba mu magazini, haba mu ma banki, haba iyo najyaga kumesha imyenda, narahaserukaga bagatangira kongorerana ngo “Dore cya kigore cya Polisi kiraje, noneho ntitugikira”.

Aho nameseshaga imyenda ho, abakozi baho bamaze kubona impinduka,

bagezaho bambwira ngo Imana yarakoze ko nsigaye mbavugisha neza, ngo twarakubonaga uje tugashaka kwiruka.

Hari igihe narakanyaga n’umuntu, nkumva muri njye namutera n’icyuma. Sinabasha kubabarira. Ungiriye nabi nashakishaga uburyo bwose namwitura. Nagendera kuri rya hame ngo “Ijisho ku rindi, iryinyo ku rindi, Ingeri ku yindi”. Kwihora kuri njye nabibonagamo ubutwari. Guheranwa, nabibonagamo ubugoryi n’ububwa.

Akantu kose umuntu yangiriraga nagombaga kukamwitura. Wantuka nkagusubiza incuro ebyiri, wakosa ngufiteho ubushobozi nkakwasa urushyi rwiza, abakozi bo nkabakata n’amafaranga. Kandi aho n’ikibazo kinini cyari kiri, nta n’ubwo numvaga ari icyaha, nta mutima wanciraga urubanza, numvaga ndi mu kuri.

b. Nari umuntu ugendera ku bwoko

Umutima w’amacakubiri ashingiye ku moko wari warantsikamiye kuva ngifite imyaka 18, igihe, intambara y’amoko yateraga mu Burundi mu mwaka wa 1972. Jenocide Yakorewe Abatutsi bo mu Rwanda yo yatumye urwango nari mfitiye Abahutu rukabya, cyane cyane ko nasanze umuryango w’Umutware wanjye wose warishwe.

Itsembatsemba ryakorewe abatutsi mu masengero riyobowe n’abiyita ngo ni abakozi b’Imana ryanshenye umutima wanjye, ku buryo kuva mu mwaka wa 1994 ntashye mu Rwanda, nahise nanga kujya mu misa, iby’idini nahise mbivamo.

Numvaga hariho abadashobora guhamagara Imana ngo ibumve, abo ngabo nyine bari bafite ibiganza byuzuye amaraso. Numvaga ahubwo bari bakwiriye guhamagara Satani badakwiriye guhamagara Imana.

Mu myaka ya mbere tukigera mu Rwanda, no kugira ngo nguhe akazi ko mu rugo nabanazaga kumenya uwo uri we. Nakurebera ku mazuru. Numvaga ukwiyunga kw'abanyarwanda kudashoboka, nkumva abatutsi tugomba kwihora.

Igihe kimwe najyaga mbwira umutware wanjye nti "Ariko wowe, wumva ibyo muvuga by'ubumwe n'ubwiyunge bishoboka?" Nkamubaza nimba koko abishyigikiye bitari ibya nyirarushwa, nkongera nkamubaza impamvu ashyigikira ubumwe kandi iwabo nta n'inyoni yasigaye.

Hari n'igihe twakomezaga kuganira, muri nje nkarakara bitewe n'uko ashyigikira ubumwe n'ubwiyunge, nkageza ubwo mbwira nti "Ahubwo nta mutima ugira" hakaba n'ubwo mvuga ko ab'iwabo atabakundaga.

Umutware wanjye akansubiza akambwira ati "Nta kundi byaba, abatugiriye nabi barahari, tugomba kubana, keretse dushatse gusibanganya u Rwanda, ibyo na byo si cyo gisubizo cy'ikibazo. Tugomba kongera twese tugafatanyaga kubaka igihugu cyacu. Nubwo yavugaga ibyo byose ntabwo nabikozwaga, nari narashavuye mu mutima.

c. Nakundaga amafaranga cyane

Muri icyo gihe nikundiraga icyitwa amafaranga, ibindi ntukabimbaze. Njye rwoze, nta muntu nakundaga. N'abana bacinze ku icumu rya Jenoside nareraga, byari bimeze nko kubikorera kw'itegeko, kuko nta kundi nari kubigenza, bari abana bo mu miryango y'umutware wanjye. Igihe cyo kujya ku ishuri kw'abo bana bacinze kw'icumumu, kubaha amafaranga y'ishuri n'ayibikoresheho cyari ikibazo muri nje, nayababwira mbabwira ko jye ntazanywe mu Rwanda no gukorera isi yose. "Nari narabateye agahinda".

Maze gukizwa, Imana yaramfashije, nka bugufi, mfukama imbere yabo, mbasaba imbabazi, barambabwirako. None ubu, nababereye umubyeyi nabo bambara abana.

Umukozi iyo yaba yagiye guhaha hakabura n'amafaranga ijana mu yo yagombaga kugarukana, induru zaravugaga.

Kugira icyo ntanga, iwanjye byari bigoye. Numvaga nta kintu cyashobora kumvaho. Nahorana ijwi muri jye rimbuza kugira icyo ntanga. Hari igihe byabaga ngombwa ko hari icyo naha abavandimwe banjye cyangwa ab'umugabo wanjye. Kugira icyo mbaha, kwari nko gusogotwa icumu mu mutima.

Ijwi ryazaga mu mutima wanjye rikambwira uburyo nabibiriye icya, uburyo nabivunikiye, rikambwira uburyo nimbitanga nzabikenera. Iyo nageragezaga kugira icyo ntanga, iryo jwi ryarazaga rigahora rinkokeza, ribinyibutsa.

Iyo nagiraga icyo nkenera byo bikaba ikibazo gikomeye. Rya jwi riti: Ntiwabitanze nkubuza, ngo wari uzi ko utazabikenera? Ngo awa!!!, Iryo jwi ryashoboraga kumara amezi atatu rindindiza. Nari nararushye, nari naragowe. Nta mutuzo nagiraga mu mutima wanjye. Satani yari yarandindagije.

Buriya, mu buzima, nta mubabaro unganya no kubura amahoro, ahubwo warara utariye aho kubura amahoro. N’aho inzara iryana, ntinganya no kutagira amahoro yo mu mutima. Ijoro, ribara uwariraye. Ibyo mbabwira ni ukuri kuko byose byangezeho.

d. Nari mfite irari ry’inzoga n’iry’amafunguro

Nari umunywi w’inzoga, kandi nakundaga kurya cyane. Nakundaga inzoga, kandi ni ababyeyi bari barazinkundishije. Ababyeyi badukozaga umuheha w’inzoga ku munwa, kugirango duhumurirwe kuva murugerorw’ameziabiriumwanaamaze avutse; maze tugakura badusomya duke duke, tukisanga dukunda inzoga.

Tumaze kugeza mu rugero rw’imyaka itanu y’amavuko, batangiraga kuduha inzoga yacu igihe cyose baba bariho banywa. Abana, bagiraga igitereko cyabo cy’inzoga. Kunywa inzoga byari ibisanzwe, byari mu mucyo wacu, nta kibi twabibonagamo nubwo twitwaga abakristo. Ndetse no gusinda byari ibisanzwe.

Maze gukura nkakorera amafaranga, nakunze cyane kunywa byeri. Byeri

ikonje, icupa rimwe cyangwa abiri ntiyaburaga buri mugoroba mvuye ku kazi. Napfaga kugera mu rugo agatima kakiruka gashaka ibyeri. Numvaga ntabaho ntazinyweye, kandi numvaga nta kindi cyamara inyota.

Byeri yari yarangize imbata yayo, bimwe birenze urugero. Habagaho igihe byageraga ngasinda, kuko nananiwe kwigerera, nkumva nakomeza kunywa, cyane cyane iyo twabaga twasohokanye n’abandi mu kabari.

Ibaze rero umugore wasinze uko amera. Ubwo, ni ho nibuka ko Data na Mama batakiriko ko ndi impfubyi nkarira kandi ndi umukecuru. Ubundi, nibukaga ko Data bukwe na mabukwe bapfuye bishwe na Jenocide batabone abana banjye, noneho nkumva nanjye ntabura uwo nirenza. Byari bikomeye!!!

Kuva nkiri muto, nakundaga kurya birenze urugero. Umutima wanjye wahoraga uhagaritswe n’uko nshobora kudahaga. Kandi iwacu habaga ibiryo byinshi, ariko sindye ngo nyurwe, nahoraga mpagaritse umutima ku biryo. Ngahora ndi wa mwana urya acuranywa.

Maze no gukura nkabasha kubyiha naricaraga nkarya biteye ubwoba. N’umutware wanjye akaja ambaza ngo mbe ubishira hehe? Akambwira ngo “Ubanza ufite abashitsi mu nda yawe”. Nanjye nari narabyibushye birenze urugero. Nakijijwe mfite ibiro 105, kandi ubu mfite 85. Nta kindi nakoze, nagabanije ibiryo gusa. Urumva rero nari narakuranye irari ry’ibiryo n’inzoga.

e. Nari umunyabwoba

Nari nuzuwemo ubwoba bwinshi butagira ishingiro. Nta mpamvu zigaragara wabona zanteraga ubwoba, kuko nta n'ikibazo cy'imibereho twari dufite. Twari dufite ibidukwiriye, abana biga mu mashuri ahenze, dufite inzu, umugabo afite imodoka nkagira iyanjye ariko ibyo byose, ntibyabashije kumpa amahoro.

Ubwoba ntabwo bwaje ari uko nkuze, ahubwo, narabubwirukanye, uko nakuraga ni ko bwiyongeraga. Mu mwaka wa 52 nari ngeze aharindimuka. Iyo nabaga ngiye gukora ikintu icyo ari cyo cyose, numvaga mu mutima wanjye ijwi ry'urucyantege rimbwira ngo ntubishobora, rigahora rinkandamiza rimbwira ko ndi mubi ko ntazabona umugabo, rikanyumvisha n'uburyo abantu bose banyaga.

Nahoranaga muri n'ijye ibitekerezobibiku bantu ku bw'iryo jwi ryambagamo rihora rintera ubwoba. Amashuri nayiganye ubwoba bwinshi, ariko kubera kwihata nizena Kaminuzandayirangiza. Ubwoba bwari bwarambereye nk'indwara. Iryo jwi ryatumaga nkanguka kenshi hagati ya saa saba na saa munani z'ijoro, simbashe kwongera gusinzira kugeza mu gitondo.

Hari amajoro nararaga nkanuye bukaneraho simbashe gusinzira n'akanya gato. Nkarara ngenda mu nzu abandi baryamyeye, ubundi, hakaba n'igihe ndwara mu nda kubera ubwoba.

Kubera kubura ibitotsi umugabo yajyaga ankuyakuya mu mutwe ngo arebe ko nasinzira,; reka da, ntihagire igihinduka.

Nari ndushye cyane mu mutwe, nari nsigaye numva meze nk'uwoherwa mu bwonko, nkumva hasa n'ahari kwaka umuriro. Noneho nkibagirwa cyane, simbe nkimenya aho nsize ikintu na kimwe. Numva n'imyenda nshobora kuyita nkiruka.

Nagiraga ubwoba bwatumaga mpora mbira ibyuya ijoro n'amanywa ni yo haba ari mu bukonje. Umubiri wanjye wahoranaga umuriro. Ibyo byatumye njya kwivuka ku muganga uvura abagore, ambwira ko ibyo byoya biterwa n'uko ngeze mu myaka yo kutongera kujya mu mihango. Yanyandikiye imiti ariko nyikoresheje nta na kimwe yahinduye.

Muri ibyo byose nari nzi kwihagararaho, ntawe wari uzi ko ubwoba bumbamo buri gihe. Mu byo nakora byose nashyiragamo imbaraga nyinshi kugira ngo ntaneshwa, narirwaniriraga, ntabwo numvaga ko mfite Imana yo kundengera no kumfasha. Umutima wanjye wahoraga uremerewe, hari igihe numvaga ari nk'itoni ntwaye mu gituzo ndemerewe cyane. Akenshi, nagendanaga umubabaro mu mutima ntazi iyo uturutse, ntazi n'ishyiringiro ryawo.

Nubwo nari umunyabwoba, nabashije kugira icyo ngeraho mu buzima kubera ko hari amagambo abiri nagenderagaho. Irya mbere nari nararibwiwe na Papa umbyara. Yakundaga kutubwira tukiri abana ati: "Aho kuba imbwa waba imva". Yashakaga kutubwira ngo aho kuba umuntu utagira umumaro wahitamo gupfa ukava ku isi.

Irya kabiri nari nararibwiwe n'umutware wanjye, kuva kera tukiri

abageni, yari yarambwiye ngo “Urishaka ukibona, wakwibura ugapfa”. Yashakaga kumbwira ko ntawe uberaho undi. Ko buri muntu agomba kubeshwaho n’amaboko ye. Kandi n’Ijambo ry’Imana riri mu *Imigani 19:15*, riratubwira riti “*Uwinaniwe arananuka*”.

Umutware wanjye akongera akambwira ati: “Ntuzarebe ku babyeyi bawe ngo wumve ko bazahora batugemurira ibyo bahinze, ntuzarebe kuri bene wanyu ngo hari icyo bagomba kudufasha, tugomba kwimenya twebwe ubwacu”.

Ibyo yabimbwiye abitewe n’uko twubatswe urugo tukiri abanyeshuri, tubyara umwana wa mbere tutari twarangiza kwiga. Mu by’ukuri, icyo gihe twarakubititse, n’uko hano atari igihe cyo kuhatangira ubwo buhamya!

Nyamara, icyo gihe nubwo twari mu bihe bitoroshye byo gusonga, twakomeje gukomera, nta wigeze aducishamo ijisho ngo abe yamenya ibyacu. Nta na mwene wacu wigeze amenya ko hari igihe twaburara, cyangwa tukararira ka mukuru katagira isukari.

Aha, ni igihe cyo kuvuga ko Ijambo ari ikintu gikomeye. Tuje twirinda kubwira abana bacu amagambo abatesha agaciro, kuko yazababwirako imbwira ku bwo kubabwirako imitekerereze bakumva ntacyo bamaze.

Tugomba kumenya ko umuntu ayoborwa n’ibitekerezo bye, kandi ibitekerezo biremwana n’ijambo. Tugomba rero guhorana muri twe amagambo yo guhumuriza abandi, n’ayo kwihumuriza twebwe ubwacu. Ijambo rirarema, kandi ijambo ririca.

Iyo migani uko ari ibiri, n’uyu muni iracamfasha mu buzima ubwo ari bwo bwose. Ndi umuntu utemera na rimwe kuneshwa. No muri ino nzira y’Agakiza, ndetse no gukorera Imana natangiye, sinshobora kwemera kuneshwa na rimwe.

f. Umwanzuro

Mu magambo avunaguye, ubu buhamya bugaragaza uko nari meze ntarakizwa, bwerekana uburyo nari imbata ya kamere y’umubiri wanjye. Mu by’ukuri, sinabasha gutegeka umubiri wanjye.

Ahubwo, ni wo wantegakaga, ukantegeka kuwaha ibyo wipfuzaga byose, ukantegeka kurarikira iby’isi kugira ngo winezeze. Ku bwa kamere y’umubiri wanjye yo kwikunda, nari narapfuye mu buryo bw’Umwuka kuko Umwuka w’Imana utabaga muri njye, ku bwo kutawumvira.

Nari naramenaguye umutima w’Imana ntabizi nk’uko Ijambo ry’Imana ribitubwira muri *Ezekiyeli 6 : 9* riti : “*Kandi, abacitse ku icyumu bo muri mwe, bazanyibukira mu banyamahanga, aho bazaba bajanywe ari imbohe, bamenye uko namenaguye n’imitima yabo irarikira yanyimuye*”.

Icyo gihe Imana yabwirako Abany’Israeli, ariko uno muni, ni wewe nanjye turiho tubwirako. Aha, Ijambo ry’Imana rirashakira kutubwira ko igihe cyose ufite icyo urarikiye, ni cyo uba washikamishijeho umutima wawe, kuko ni cyo gihora mu bitekerezo byawe. Icyo gihe, Imana irigendera kuko, Imana ntija yemera kubangikanywa.

Nari umwanzi w'Imana kuko ntemeraga kuyoborwa na we (*Abaroma 8:6-17*). Nari intumbi, nari uwo gucirwaho iteka ku bwo kubaho nk'aho wagira ngo ubuzima burangirira hano mu isi.

Mu by'ukuri, iby'isi ni byo byari binshishikaje, byari byarantwaye umutima. Naharaniraga ko tuba umuryango ukize cyane, abana bacu tukabaraga ibintu byinshi cyane, bakazabaho batavunitse nka twe.

Imana yansanze, meze gutyo, ntayitayeho, ntayishatse, nta gaciro nyiha mu buzima bwanjye. Aha ni ho urukundo Imana idukunda nta mpamvu rugaragarira.

Imana idukunda uko turi, idukundana n'ubujiji bwacu, idukundana n'intege nkezacu. Ntidukundakuko dukiranuka, kuko twese turi abanyabyaha. Idukunda kuko yaturemye gusa. Kandi urukundo Imana yadukunze, yarugaragarishije kuduha Umwana we ngo adupfire ku musaraba.

Na twe, nta kundi ashaka ko tumugaragarizakotwakiriye urukundo rwe, keretse ukwemera kwakira iyo mpano twahawe ku buntu ari we Yesu Kristo tukamwizera. Uwanze Yesu, aba yanze Imana. Kandi uwanze Imana aba yanze ubugingo buhoraho kuko ni we ubutanga, uwanze ubugingo, aba ahisemo urupfu.

Hano, ni cyo gihe cyo guhamya rwose ko Ijambo Imana yavuze irinyujije mu Ntumwa ye Pawulo ko ari ukuri. Pawulo yandikiye *Abefeso 2:8-9* arababwira ati :*"Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe, ahubwo, ni impano y'Imana. Ntibyavuye*

no ku mirimo, kugira ngo hatagira umuntu wirarira".

Dukizwa ku bw'urukundo rw'Imana. icyo adusaba ni kimwe, ni ukwizera Yesu Kristo, nta kiguzi, nta mpongano, nta bitambo, nta mafaranga atwishyuza, ahubwo adusaba kwiye gurira Umwami Yesu wenyine.

Uko Imana yanshakishije kugira ngo impe ubugingo, niko iri gushakisha buri wese utarakizwa kugira ngo ahabwe ubugingo bw'iteka ryose. Uwumva wese ijwi ry'Imana ntiyinangire umutima. Ibihe bigeze kure, Umwami wacu ari bugufi. Bucya bucya na ayandi; wenda ejo ntiwahagera ugihumeka umwuka w'abazima. Ihute, uhunge vuba umujinya Imana ifitiye abiyobagiza, na ba ntibindeba, na ba sindabibazwa.

III.2. Uburyo nahuye n'umwami Yesu Kristo (*Mariko 2:13-15*)

Umwami wanjye Yesu Kristo yakoze iyo bwabaga aranshakisha, yanyiyeretse mu gitondo cyo ku wa 30 Mata 2006. Uwo muni, yanyihamagariye n'ijwi rye rituje ngo mwakire mu buzima bwanjye.

Ntabwo nigeze ntekereza gushakisha Agakiza kuko ntari nzi icyo ari cyo. Ijambo Agakiza, no gukizwa nari narayumvanye abarokore ngeze mu Rwanda mu 1994, icyo gihe nari mfite imyaka 40. Nari nibereye mu idini ntari narigeze numvamo ibijyanye n'Agakiza.

Agakiza twakakiraga nk'umuhango tukiri bato dufite imyaka 11, tutazi ibyo

turiho dukora, ntibadusobanurire icyo ari cyo, ahubwo bagakoresha amagambo atari no muri Bibiliya. Batubwiraga ngo turaraganiye, mu Kinyarwanda, kwari ugusubiramo amasezerano. Twamara nk'amezi nk'atatu, nka rimwe cyangwa kabiri mu cyumweru, mwarimu atujyana ku rusengero kwiga ibyo kuraganira. Batwigishaga amagambo tuzabwira Yesu ku muni wo kuraganira, bakadutegeka kuyafata mu mutwe.

Uwo muni wo kuraganira, ababyeyi batwambikaga imyenda y'umweru. Abahungu bakambara amapantaro cyangwa amakabutura n'amashati y'umweru. Abakobwa nabo bakambara amakanzu maremare n'udutimba nk'uko abageni bambara. Noneho, uwo muhango wagera, bakaduhamagara, tugatonda umurongo imbere ya Aritari, bakatubwira ngo tuvugire rimwe, ya magambo twigishijwe.

Ayo magambo yagira ati: "Njyewe naka (buri wese akavuga izina rye) ndahakanye Satani n'ibikorwa bye byose, n'inyoshambi ze zose, niyeguriye wowe Yesu, ubuzima bwanyije bwose".

Ayo magambo bayatuvugisha tutazi ibyo ari byo, ubwo rero, ntiyatuma Yesu aza mu bugingo bwacu kuko tutayakura ku mutima. Ni cyo gituma tutakizwaga, twashishikaraga kwiberaho nk'uko twahoraga, Satani agakomeza akadukandamiza.

Hano, icyo twavugaga ni uko Agakiza gangwira n'Imana, mu gihe cyagenywe na we, nta muntu ushobora guhaguruka ngo afatire ibyemezo abandi bantu byo kubakiriza Agakiza. Ntitugahutaze abantu rero dukoresha iterabwoba cyangwa ngo dukoreshe ububasha

twahawe, ngo tujye twakiriza Agakiza abantu ku gahato.

Gusobanurira abantu iby'Agakiza, ni yo nshingano yacu. Ahasigaye ni Imana yo ubwayo izabashyiramo ubwo bushake, akanabemeza ibyaha byabo, akabaha n'iyi nyota yo kwakira Agakiza. Hari icyo nahoraga nibaza niba umuntu ashobora gukizwa akiri mu isi.

Icyo gihe hari abategarugori bahoraga baza kunyumvisha ko ngomba gukizwa, nahoraga mbabaza icyo bakizwa icyo ari cyo ntibabashe kunsobanurira. Nanjye nkababaza nti "Ko ntiba, sinsambane, sinice, ndakizwa iki?" Bagaceceka, bagatsindwa n'ikibazo.

Nta muntu n'umwe wari warabashije kumpa ibisobanuro bihagije n'akamara Agakiza gafite. Ntabwo nari nigeze na rimwe njya guterana n'abitwa ngo n'abakizwa cyangwa ngo ninjire mu rusengero rwabo.

Iyo nabonaga abantu bagiye gusenga bajanyeye za Bibiliya mu ntoki cyane cyane ku minsi y'imibyizi, narabasekaga, nkumva ari abatekamutwe b'abanebwe babuze icyo bakora.

Ikindi kandi, ntabwo nagiraga akamenyero kogosoma Bibiliya, ntan'iyi nagiraga, sinari narigeze nyitunga. Nari mu idini ritaduhuguriraga kwisomera Ijambo ry'Imana ngo baridukundishe, ahubwo batwumvishaga ko tutagomba kuryisomera kuko tutabasha kurisobanukirwa.

Naho ntari narigeze menya iby'Agakiza, ngo ngashakishe, Data wa twese wo mu ijuru we yankurikiraniraga bugufi, akagenzura intambwe zanjye zose. Yarandebaga, akagira agahinda kenshi,

agasanga ndushye kandi nararindagiye kubera kutamenya.

Uzi kubaho urushye, utazi n'icyakuruhura, ukakibura, abandi bakagirirwa ubuntu nta kiguzi batanze?. Imana ntiyitaye ku bujiji bwanjye, yo ubwayo yangiriye imbabazi nyinshi, iransanga, iranyihamagarira, irankiza.

Hano, ntawabura gusubira gushimira Joyce Mayer umukozi w'Imana, Imana yakoresheje ikamuhagurutsa iwabo ngo imitima y'Abanyarwanda ikizwe. Mu bantu benshi Imana yagombaga gukiza icyo gihe, nanjye nari ndi mo.

Ku wa 30 Mata 2006, wabaye umunsi mwiza uruta iyindi minsi yose nari narabayeho mu buzima bwanjye cyangwa nzabaho, kuko ari wo muni nahuye n'Umwami wanjye Yesu Kristo, akanyemerera kumubera umwana. Nk'uko Imana yabinyibwiriye iti "Kuva umunsi naguhamagariyeho, ukanyitaba, narakwemeye".

Uwo muni, Joyce Mayer, yakoze igiterane cy'abategarugori muri Hoteli Serena. Nk'iminsi itatu mbere, umudamu umwe, yanzaniye urwandiko rw'ubutumire mu rugo kugira ngo nzagende muri icyo giterane. Aranyinginga, ndamuhakanira. N'ubwo butumire bwe, ndabumusubiza ngo areke kubupfusha ubusa abushyire abandi.

Yasubiye inyuma ababaye cyane, ku buryo yasohoye amarira imbere y'imodoka ari kunsezera. Nanjye nkamuseka, ahubwo nkamubwira nabi kuko sinumva ibimuriza ibyo ari byo.

Reka nkubwire mwene Data: Imana ni

inyembaraga, kandi, ntijya ibura uko ibigenza. Inzira ze ni nyinshi. Kandi icyo yagambiriye, kigomba gusohora byanze bikunze.

Mu gitondo cya kare cy'uwo muni ku wa 30 Mata 2006, Imana yanyohereje umusirikare we, ari we Honorable Mukamurangwa Sebera Henriette, aza kunjyana ku ngufu, kuko ibyo kwinginga byari byaniranye.

Uwo mugore yaje mu rugo saa moya za mu gitondo, yambaye imyitero, arangije, anteraho amahane, arambwira ati: "Nari njye kugufata ngo tujyane mu giterane cya Joyce Mayer", yagize ati: "Sinjyayo ngusize niyo byagenda gute". Naramuhakaniye, ndamubwira nti "Ntabwo ari uko umuzungukazi yavuye muri Amerika biza gutuma nza muri icyo giterane cyanyu, urabizi ko ntajya mbijyamo".

Bitewen'uburyotwavuganagan'uwomu mama dusakuza, byatumye umugabo wanjye abyuka aho yari aryanye, araza aratubaza ngo aho mwasakuriye muri mu biki? Noneho Henriette aramubwira ati "Wanyingingiye Christine tukajana mu giterane kwa Joyce Mayer. Namwinginze ariko yananiye".

Noneho Umutware wanjye arambaza ngo "None uno muni, hari akazi kenshi ufite kakubuza kujana na we?". Ndamubwira nti "Ntako mfite ariko ntaho njya, urabizi neza ko ibyo bintu by'abakizwa ko ntabyerekwa".

Noneho arambwira ngo none wowe uzahora uganira n'umicanga n'amatafari, n'amasima, ntiwajya aho abandi bagore bari ngo wumve ibyo bavuga?. (Ibyo yabimbwiraga kuko icyo gihe nariho

nubakisha inzu, kandi narabikunda cyane). Naramuhakaniye, ndarahira ndarengwa ko ntaho njya.

Yararangije, abonye mbyanze rwose, anshyiraho igitugu kugira ngo njyane na we, arambwira ati “Ntabwo Honorable Henriette yazindurwa no kugushaka ko mujyana hanyuma ngo wange agende wenyine, ubwo rero ubu ngushyizeho itegeko, itegure vuba mujyane”. Ubwo naremeye njya koga nitotomba, nambara nitotomba ariko amaherezo naragiye, ngenda ngononwa ntabwishaka.

Kubera iyo mpamvu, nanze kujyana imodoka yanjye ndamubwira ngo “Uranjyana, unangarure kuko ni mu nyungu zawe, nta mazutu yanjye nangiza. Nagiyeyo nk’intama bakuruza ikiziriko itazi iyo igiye n’icyo igiye gukora.

Icyantangaje n’uko tumaze kwicara twese, Joyce Mayer, Umukozi w’Imana agitangira kubwiriza aravuga ngo uno muni, ngiye kubwiriza ijamba ryitwa “Ubwoba”. Aho nari nicaye ndibwira nti “Buriya ngiye kumva ibyanjye”. Noneho, aravuga ati: “Ubana n’ubwoba aba abana na Satani”.

Noneho, ndibwira mu mutima nti “Nawe arakabya, ahubwo aranabesha, ahubwo nkumva antuka!”. Ndibaza nti ubu rero jye mbana na Satani!. Nkumva ari ububeshi gusa bitanashoboka. Sinarinzi ko rya jwi riba muri nje rihora rinca intege ko ryari irya Satani, nari nzi ko ari umutimanama wanjye udatuza uhora unganiriza.

Joyce Mayer yakomeje kuvuga byinshi ku bwoba, avuga uburyo akabazo gatoya Satani igakuza ikakagira umusozi wose

kugira ngo iguteze ubwoba ikubuze amahoro.

Joyce Mayer yarongeye avuga uburyo abanyabwoba basinzira gake, noneho uburube bwo mu mutwe, bugatuma basara; yongera avuga ko 99% y’abantu basara ko babiterwa na Satani ubateza ubwoba. Atubwira kandi ko umunyabwoba ntabwo atera imbere mu byo akora, ahubwo, agenda asubira inyuma.

Byagezaho, noneho numva ibyo yavugaga byose ari nje yavuga. Nibaza uburyo yasomye ibiri muri nje biranshobera, kuko ntiyanandebaga. Twari benshi cyane. Njewe bwari n’ubwa mbere mubona.

Imana yonyine iri mu ijuru ahirengeye, ni yo yari izi ibiri mu mutima wanjye, aho nta muntu n’umwe wabasha kugera. Ni we wanyohereje ijamba rye ngo rinkize, ni na ryo yampamagaje kwakira Umwami wanjye Yesu Kristo mu bugingo bwanjye.

Umukozi w’Imana Joyce Mayer amaze kwigisha, Pasiteri wayoboraga gahunda, yasabye abashaka kwakira Agakiza ngo bahaguruke. Ndibuka ko abagore 8 ari bo bavuye aho bari bicaye bajya kwakira Yesu.

Noneho, abagore twari twicaranye batangira kunsunikira kuja kwakira Agakiza. Narabahakaniye, ndababwiriza nti “Sinakira akantu ntazi, nimundeke”. Bagerageje kumpagurutsa ku ngufu ndabahakanira.

Igihe banyingingaga ngo nje kwakira Agakiza, rya jwi ryahoraga rivugira mu mutima wanjye ryaragarutse. Noneho rivugira mu mutima rintsikamira

ngo eheheh! Madame Polisi,...! ugiye kwirata, ujye kwakire agakiza bose bakureba, wavugiye mu mutima wawe, Yesu ko ari bubyumve !!!

Uwo wambwiraga atyo yari Satani washakaga kunyumvisha ko umugabo wanjye akomeye, ndakwiriye nka muka Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda kwisuzuguzwa nkajya kwakira Agakiza bose babireba.

Satani, azi neza uburemere bwo kwakira Agakiza mu buzima bwacu, kandi azi ko tutagomba kwizeza umutima gusa, ahubwo ko tugomba no kwatuzakwira kacyu kugira ngo dukizwe. Azi neza ko Agakiza ari ko kadukura mu nzira yo kurimbuka kakatwinjiza mu nzira itujyana mu ijuru. Ni cyo gituma yicara ahimbisha uburyarya bwe impamvu zo kutubuzwa kwakira Agakiza. (*Abaroma 10:9-12*)

Aha, ndumva nifuza ko buri muntu yamenya ko inzira itujyana mu ijuru ko nta handi itangirira atari mu Gakiza. Ntabwo itangirira mu mubatizo, ntabwo itangirira mu masengesho, ntabwo itangirira mu mirimo myiza dukora, ntabwo itangirira mu kwiga iyobokamana, nta n'ubwo itangirira mu kwiga Ijambo ry'Imana, itangirira mu kwakira Agakiza konyine ari we Yesu Kristo wadupfiriye kugira ngo dukizwe.

Mu butumwa bwiza bwa *Yohana mu gice cya 10:7*, Umwami Yesu aratubwira ati "*Nukuri, nukuri, ndababwira y'uko ari njye rembo ry'intama. Ni njye rembo, umuntu niyinjira muri njye azakizwa*".

Ntabwo wakwinjira muri we, utabanje kumwakira ngo umuhitemo

umwemerere ko akubera Umwami n'umucunguzi wawe. Umwami wacu Yesu ntabwo afata ku ngufu, ategereza ko uzana ugushaka kwawe. Muri *Yohana 14:6*, Umwami Yesu yarivugiye ati: "*Ni njye nzira n'ukuri n'ubugingo, nta wujya kwa Data ntamujyanye*".

Ni we nzira, ni we tugomba kunyuraho kugira ngo tuzagere mu ijuru kwa Data. Kandi Yesu ni we Imana izatangaho umugabo ubwo izaducira urubanza, kuko yambaye umubiri nk'uwacu akawunesha.

Abo bagore twari twicyaranye bakomeje kumpata ngo mpaguruke njye kwakira Agakiza ndababwira. Narababajije nti: mbe ako mwakira ni agaki? Baraseka ntacyo banshubije. Sinarinzi ko Agakiza ari Yesu.

Ibaze, kuba uri mu idini rikubwira Yesu Kristo ariko ntitukubwira Yesu nk'Agakiza kawe. Ahubwo, rikakwigisha Yesu nka umugani. icyo nakoze nababwiye ko ntari injiji, ko nize, kandi ko ntashobora kwakira ibyo ntazi.

Uko bambwiraga ngo mpaguruke niko nakomezaga kumva rya jwi ry'urucyantegere mporana rigarutse, rirambwira ngo "Ehehe! Madamu Polisi! ugiye kwirata ujye kwakira agakiza bose babireba, bivugire aho Yesu arabyumva". Satani ni umugome kandi ni indyarya mbi. Yarabanje, ati reka mwereke ko ari umunyacyubahirira ko ibyo byo kwakira agakiza imbere y'abantu ko yabirenze.

Umwanzu Satani yakomeje kunyemeza ko umutware wanjye afite inshingano zikomeye mu gihugu, noneho akanyita

Madame Polisi. Ugira ngo Satani ayobewe ko nitwa Kiristina...! Abo bagore maze kubananira bo ubwabo bavuganye hagati yabo mbumva ngo "Reka tumureke si umunsi we". N'ibyo by'iminsi bavuganaga ntabwo numvaga ibyo ari byo. Bahise bandeka nanjye ndatuza.

Umutuzo umaze kugaruka mu mutima wanjye, numvise irindi jwi rimbwira mu mutimarinyongorera, rinyinginga, kandi ryavugaga rituje. Umwami w'Abami Yesu Kristo, ni we wampamagaje ijwi rye ryoroheje arambwira ati "Christine, waba ubaye iki, uhagurutse ukaza ukanyakira, nkagukiza ubwo bwoba ubana na bwo?".

Natangajwe n'iryo jwi, noneho muri njye ndibwira nti "Aho ngeze, nimba kujya imbere nkakira ako kantu nubwo ntakazi, bigatuma nkira ubwoba, reka mpitishemo ngende ndebe ko byakunda ko nkira. Mu by'ukuri nari ngeze habi.

Muri ako kanya, narahagurutse nihuta ntazi n'icyo ngiye gukora, njya kwakira "Agakiza". Ba bagore twari twicaranye, babonye nirukanze kwakira Agakiza banyirukagaho, batangira kunshimira bambwira ngo "felisitasiyo" kandi ntacyo nari nakora. Ndibwira mu mutima wanjye nti "Aka kantu nubwo ntari nakabona gashobora kuba gakomeye".

Pasiteri yatubwiye amagambo dusubiramo yatumye nyibazaho cyane, kuko yari amasezerano mpaye Umwami wanjye Yesu Kristo ku mugaragaro imbere y'abantu benshi bandeba. icyumba kinini cy'inama cyo muri Hoteli Serena cyari cyuzuye abagore no hejuru, kandi hafi ya bose bari banzi.

Pasiteri yadusubirishijemo aya magambo agira ati "Sinkiri umwana wa Satani, ntabwo nkiri muni y'ubwami bwe, ntabwo nkiri imbohe ye. Mwami wanjye Yesu Kristo, ndi uwawe kuva ubu. Niyemeje kugukurikira no kubana na we iminsi yose nsigaranye y'Ubuzima bwanjye n'inyuma y'ubu buzima bwo mu isi. Ni wowe Mwami wanjye wenyine ni wowe muyobozi wanjye ukaba n'Umukiza wanjye. Mwami Yesu, mpanagura mu gitabo cyo kurimbuka, unyandike mu gitabo cy'ubugingo". Tumaze kwatura ayo magambo aradusengera.

Ndashaka kubabwira y'uko ibyo Umwami Yesu atubwira byose ni ukuri. Ni we kuri. Njye ndabahamiriza ko ako kanya nkimara kumwakira mu bugingo bwanjye, amasezerano yari amaze kumpa ari nayo yampagurukije, yahise asoza. Ubwoba nabanaga nabwo kuva nkivuka bwahise bugenda. Amahoro, umutuzo n'umunezero ntari narigeze numva byatashye mu mutima wanjye.

Uwo muni natashe nezerewe cyane. Ngeze mu rugo, mbitekerereza umutware wanjye ko nakijijwe antera utwatsi. Arambwira ngo wowe, ntushobora gukizwa n'amahane yawe. Namubwiye ko nakiriye "Agakiza", mubwira uburyo nakijijwe, aransubiza ati: "Tuzaba tureba". Kuko niba wakiriye Yesu, wamubeshe, ntushobora guhinduka.

Umwami Yesu mu kumpamiriza ko nakijijwe, yampaye ibitotsi iryo joro ntari narigeze ngira. Naryamye nk'uruhinja, sinicura, nakangutse mu gitondo saa 3 izuba ryarashe, umutware wanjye arambwira ati "Noneho ndemeye ko wakijijwe". Ko wabashije gusinzira ni igitangaza. We ubwe, ni we waraye akanuye, ubwoba bwamwishe ngo

ati: ngira ngo si ndi muzima. Akajya anyorosora areba ko ngihumeka ntapfuye.

Icyo ni cyo gitangaza cya mbere cy'Umwami Yesu yabanje gukora ku buzimabwanjye. Njyewenahoragandara nicyaye nabuze ibitotsi, nkaremererwa mu mutima hari impamvu cyangwa ari nta n'impamvu igaragara ihari, nkaba narabashije gusinzira, ni ibintu utabasha gutekerezaho ngo ubishikire. Imikorere y'Imana iraturengeye.

Kuva icyo gihe kugeza magingo aya, singishakisha ibitotsi, mpfa kwikoza hasi, ngahita nsinzira. Bya byuya nahoranaga amanywa n'ijoro kubera ubwoba byahise bishira.

Kuva icyo gihe nta byuya nkibira, uruhu rwanjye rwarakamutse, ndi mu mahoro. Icyo gitangaza, cyatumye menya Umwami Yesu uko ntari muzi, ko ari we Mwami w'amahoro. Ni we soko y'amahoro nta wundi.

Icyo cyatumye menya ko niyo yaba umugabo cyangwa umugore mwiza ku mubiri no ku mutima, ni yo baba abana beza n'iyi baba ababyeyi bagukunda cyane, ni yo yaba imodoka nziza gute, ni yo yaba inzu nziza, ni yo yaba konti yuzuye amafaranga menshi, nta na kimwe muri byo gishobora kuguha amahoro.

Ibyo byose nari mbifite ariko nta mahoro nigeze ngira, ahubwo nahoranaga ubwoba butagira impamvu. Kandi nta nubwo nari nzi ko ari Satani ubintera. Mbere y'ibyo, umutware wanjye yahoraga areba uburyo ndara nkanuye amaso nabuze ibitotsi, akambwira ati: ariko wakwihaye amahoro.

Nageragezaga kumera nk'uwiyibagiza ibitekerezo kugirango ndebe ko nabona amahoro bikanga. Nkavuga za mwaramutse Mariya nyinshi na za Data wa twese uri mu ijuru ngo ndebe ko nasinzira, reka da, burya nta muntu n'umwe wabasha kwihya amahoro.

Mu butumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu Kristo, nk'uko bwanditswe na Yohana 14:27, Umwami Yesu, mbere y'uko abambwa, yabwiye intumwa ze ati: *"Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye. Icyakora sintanga nk'abisi, imitima yanyu ntihaagarare kandi ntitye"*.

Umwami Yesu yadusigiye umurage w'amahoro, iyo uyafite uba ufite byose. Nimba utari wakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza wawe, ushobora kumwakira ukabona amahoro avuye kuri we. Uzi kugira amafaranga utagira amahoro, biragatsindwa.

III.3: Impinduka zambayeho maze kwakira Yesu

Umwami wanjye Yesu Kristo maze kumwakira nakoze amasezerano nawe, nayamuhaye mpereye ku byo nari namubwiye, cyane ko nari nabwiwe ko mpita nkira ubwoba, kandi ni ko byangendekeye. Umwami wacu si umubeshi ahubwo ni umunyakuri.

Ubwo nari maze kwakira Agakiza hamwe na bagenzi banjye, Pasiteri yaraturubwiye ati *"Mugende mwishakire Itorero mwumva ribanogeye muzajya musengeramo"*. Nahise mpindura idini nasengeragamo nigira mu irindi Itorero.

Muri iryo torero nagiyemo, mu gihe cyo kuririmba nahoraga ndira, babwiriza ubutumwa nkongera nkarira ngahorana amarira mu maso. Ijambo ryose ribwirijwe ryankoraga ku mutima, nkumva biryoshe nk'aho wagira ngo bwari ubwa mbere numva indirimbo n'Ijambo ry'Imana.

Icyo gihe nasanze abakiristo hafi ya bose bajyana Bibiliya gusenga, nanjye bintera ishyaka ryo kwigurira Bibiliya yanjye, ntangira kwiga gusoma Bibiliya kuko ntayo nagiraga.

Ndangije, ntangira no kwiga kubyuka nsenga saa cyenda z'ijoro. Mu byukuri, kwari nko kwiga gusenga, kuko kuva mpungutse mvuye i Burundi mu 1994, ngasanga abantu barabiciye mu nsengeru, nagambiriye kutazongera gusubira mu misa, nk'uko nari nabivuze kare.

Igihe nari narafashe icyo cyemezo cyo kutongera guterana n'abandi, imbaraga zo gusenga mu rugo zarashize, bitandukanye n'uko twabikoraga tukiri i Burundi. Abana sinaba nkibasengeshya, ahubwo tukiberaho gipagani tudasenga. No kujya mu misa n'abana nkajya mbibabuzwa.

Uko narushagaho kwegera Imana ku bw'amasengesho, ni ko narushagaho kumva amahoro muri njye no kumva nezerewe mu mutima wanjye. Numvaga umutima wanjye umuritswemo umucyo. Izo mpinduka zihuse muri njye, zatumye nifuza gukizwa neza ndetse nifuza no kumenya neza Agakiza kugira ngo nkamenyeshe n'abandi bakizwe.

Kuri ubu, ndasabira abantu benshi barushye kandi bitwa ko ari abakiristo,

bafite imitwaro yabahetamishije imigongo, baba mu bwoba nk'ubwo nabagamo, ngo Imana ibatabare. Kandi, numvise ngize ishyaka ryinshi ryo kumenya iby'Agakiza, nanjye nkazajya nkigisha abandi kugira ngo bakizwe. Ibyo byatumye nsaba Imana ibintu bibiri.

Icyo mbere: Nasabye Umwami wanjye nti "Ndagusabye umpindure kuko sinshaka kugaragara nk'umubeshi imbere ya bariya bagore bambonye nkora amasezerano yo kukwakira no kubana nawe, kandi nkaba narabikoze ku butumire bwawe, urabona ko nkuzeho".

Ndongera ndavugaga nti "Byaba bibabaje ngaragaye nk'umubeshi, mu gihe abantu benshi bari banzi nabi". Sinakwishimira ko abantu bavugaga ngo nta gukizwa nka Kiristina, ngo bajye banegura ngo burya yakijijwe iki? nk'uko njya mbyumva ku bakizwa bamwe bavugaga ngo "Aho gukizwa nka runaka birutwa no kubireka".

Kubera icyo mpamvu nasenze isengesho rigira riti "Ndagusabye Mana, umpindure unkure muri kamere mbi, nzagushima kandi ndashaka ko ubikora vuba na bwangu, kuko nyewe sinkunda ibintu bazarira nkunda kwihuta, kuko utihuse nabivamo".

Icyo kabiri: Naramubwiye nti "Yesu, sinkuzi, n'Agakiza kawe sinkazi, ndagusabye unyiyereke kugira ngo nkumenye". Umwami wanjye Yesu Kristo ntiyatinze kunsabira. Ibyo namusabye byose yarabimpaye.

III.3.1. Umwami Yesu yarampinduye

Nubwo nkomeje kuvuga aya magambo ndabizi ko nta wera uba mu isi ariko Umwami wanjye yankoreye ibitangaza bikomeye, kuva umunsi mpura na we, muri nje habayemo impinduka zigaragara mu buzima bwanjye, zabaye mu buryo bwo gutekereza, mu buryo bwo kwakira ibibazo no kubikemura, mu buryo bwo kuvuga, bwo kugenda, bwo gusenga no kubana n’Imana ndetse n’imibanire n’abandi bantu.

Icyatumye haba impinduka muri nje, n’uko Imana yandeye nk’umwana wayo koko, kandi n’ubu, ntarareka kundera, igihe cyose nkoze ikosa, umwami wanjye arabinyerereye ko nakosheje, nkumva ijwi rye ricyaha nkamusaba imbabazi akambabarira, nanjye nkigira inama yo kwisubiraho.

Umwami wanjye Yesu Kristo ni mwiza, yuzuye impuhwe nyinshi n’urukundo. Yambereye byose, yambereye umubyeyi mwiza. Iyo mfite ibingoye, mbizana imbere ye nkabimwereka nkabisengera, ahasigaye nkisinzirira. Nta kintu kiki mpagaritse umutima. Nta kikimpungabanya.

Ni yo wangirira nabi, ntibikinkomeretsa umutima ngo bintere gusharira. Imana indindira umutima. Isohoza ibyo yasezeranije nk’uko yavuze iti *“Nzakwigisha nkwereke inzira unyuramo. Nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho”* (Zaburi 32:8)

Imana yanderesheje Ijambo rye riri muri Bibiliya arikosiriyoronyine yakoresheje, ahubwo n’ijwi rye ajya arikoresha

akancyaha, ubundi akamvugisha amagambo ankomeza n’ayurukundo. Navuganye n’Imana byinshi, kandi n’ubu dukomeje kuvugana.

Ibyo Imana yambwiye byose sinabasha kubyandika hano ariko hari amagambo abiri numva ko akomeye cyane Imana yambwiye, yangiriye umumaro munini kuko yanyigishije kugendana nayo nyitinya kandi nyubaha.

Imana yambwiye iti: “Ntukigere umenyera ndi Imana itamenyerwa” **irongera iti:** “Ugendane ubwenge. Nutagendana ubwenge nzakureka, kuko ntagenda n’injiji”.

Imana yagiye inkuramo kamere imwe imwe buhoro buhoro. Imana ntijya iduhutaza ni cyo nyikundira, iratwihanganira ikadutwara buhoro buhoro, kandi ntijya iducunaguza ngo kuki tutabashije gukora ibi n’ibi, nta n’ubwo ijya iducyurira.

a. Umwami Yesu yahosheje uburakari muri nje, anshoboza no kubabarira

Imana yankijije uburakari nagiraga. Naho kamere itajya irandukana n’imizi ngo ishire neza, uko biri kose, uburakari nagiraga bwaragabanutse cyane. Ubu mbasha kugerageza kwirinda kurakara.

Iyo bingezeho mvuga ijambo rimwe cyangwa abiri nkabasha kwifata, nkibuka ko bitankwiriye. Kera nkiri mu bubata bwa Satani, ni bwo bwari ubuzima kandi numvaga ndi mu kuri.

Navugaga nabi mfite umujinya mwinshi, ni iminota makumyabiri igashira. Mu gihe nabaga ari aho ngiye, nagarukaga, nakubona ngasubira nkibuka ibyo twapfuye, nkongera nkagutuka.

Ni yo habaga hashize igihe, ukaba wongeye kungirira ikindi kintu kitanshimisha, naragutukaga nkagucurira n'ibya mbere. Nize kwihangana, kandi nize kwirinda naho ntabigeraho ijana ku ijana ariko ni yo ntego yanjye yo kubigeraho, mpora ndwana nabyo.

Imana yagiye inkosora, yagezaho inyoherereza umukozi wayo iramubwira ngo ntubona uriya mukecuru?. Nubwo ari mukuru, ugiye kumubera umubyeyi wo mu mwuka.

Ibyo yabimubwiye ubwa mbere amwohereje kunyatuza ibyaha, noneho akazajya amutumaho igihe cyose nabaga nakabije gusubira mu burakari. Yarazaga akambwira ibyo Imana yamuntumyehe, nkabona koko ni byo nibereyemo noneho isoni zikanyica nkihana nkagerageza kwikosora.

Nuko byagiye bimvamo buhoro buhoro. Nafashijwe no gutinya Imana. Kandi Ijambo nasomye mu Imigani 19:19 riragira riti: *"Umunyamujinya mwinshi azawuhanirwa"*. Aho ni ho nameneyeye neza ko kugira umujinya ko ari icyaha gikomeye, kandi ko nta munyamujinya uzaja mu ijuru. Ubundi nabifataga nk'ibisanzwe.

Ubu, mu byukuri, iyo mbona ko umuntu ambangamiye, numva ko atari ngombwa ko nirigwa mpanganye nawe, ahubwo mwereka Imana kugira ngo irebe icyo yakora kugira ngo itwunge. Kandi ni yo mbonye abantu batari kumvikana, nkabagira inama bikanga, mbereka Imana igahuza imitima yabo.

Kandi ibyo mbifitemo ubuhamya. Nta gishobora guhindura ibitekerezo atari

Umwuka Wera w'Imana ufatanije n'Ijambo rye. Mu magambo make, ubuzima bwanjye bwarahindutse.

Kandi buriya, umuntu atangirwa ubuhamya n'abo babana. Umutware wanjye, ni we ushobora kubihamya. Yageze aho ambwira ati "Umugabo ukurimo arakomeye yabashije kugukuramo amahane wagiraga, akaguha amahoro n'umutuzo. Kubona wararetse amahane yawe yo muri runo rugo tukaba tuba mu mutuzo, ni ibitangaza".

Umutware wanjye umunsi umwe yambwiye ati: "Asigaye yumva anezerewe ku bw'impinduka zabaye mu rugo rwacu". N'abana banjye bajya bambwira uburyo bishimye, bakambwira ngo "Mama, kugira icyo wemereramo byakugiriye umumaro, kandi natwe wari waratuzengereje. Turashima Imana yatumye utuza, natwe tukaruhuka".

Ubu, mu rugo rwacu, dusigaye tubana mu mahoro n'umunezero, tukajya inama muri byose kandi tukabaho mu rukundo no kubahana hagati yacu twese, no gufashanya muri byose. Njya mbona dufitanye urukundo rudasanze.

Guterana amagambo byarashize. Mu rugo rwacu, numva harahindutse nk'Ijuru. Iyo uhageze wumva umutuzo mwinshi. Nanjye nkumva muri njye ndi umumama ufite amahirwe menshi.

Imana yanyigishije kubabarira no kurinda umutima wanjye ngo udakomereka, inkuramo guhora nshaririye. Ndetse, yanyigishije no kubabarira. Buriya, kubabarira no guharira ntabwo byoroshye.

Mu kubinyigisha, yatangiye ambwira ngo ngiye kukwigisha umuntu. Agahora abimbwira kenshi. Noneho nkajya nibaza nti ariko icyo Imana igiye kunyigisha ku muntu ntazi ni igiki?

Igihe cyarageze, mpagurukirwa n'abantu twari dusanzwe turi inshuti, narinarabafashije mu bibazo binyuranye barimo. Noneho birambabaza cyane, byandijije iminsi myinshi, nkaza njya imbere y'Imana nkarira, hari igihe nahoraga mubwira ngo Mana, kuki wampuje n'abantu bameze batya?

Maze kumva ko ndengana cyane nje ndi umwere, kuko numvaga atari nje washoje intambara, kandi nta kibi numva nje nabakoreye. Numva nta wundi muti ari ugutandukana nabo. Ariko Imana ikomeza imbwira ngo ukwiriye kugira umwete wo kubakunda. Nkumva ibyo bidashoboka.

Hari igihe narize, Imana imbwira iti: "Intwari yirata itabarutse ivuye ku rugamba yanesheje, ariko wowe uracyari ku rugamba, irongerera iti: none urirata mu biki?".

Iryo jambo numvise rinkoze ku mutima rinkubita hasi, isoni ziranyica, numva ko nanjye hari abo nakoshereje kandi hari n'abandi nzakoshereza, ko nanjye mpora nkenera kubabarirwa, ko nkiri ku rugamba rwo gukiranuka.

Nyamara, iryo jambo, ntabwo ryatumye agahinda kamvamo, nakomeje kurira kugeza aho Imana yambwiye kandi ngo "Wowe, nguhamiye abo watutse, abo waciriyeho amacandwe, abo wakubise n'abo warenganije. Kandi ngo nta n'imbabazi wigeze ubasaba".

Hanyuma y'ibyo, nabonye imbere yanjye nka amashusho, y'uburyo nitwaraga imbere y'uho nkizwa, uburyo nakubitaga abakozi, uburyo nabasuzuguraga, uburyo aho najyaga hose natukanaga nkavugana amahane menshi n'uburakari. Noneho, numva pe, Imana insubije mu mwanya nahozemo nari ntagakizwa.

Ni bwo numvise ko nubwo nakijijwe, nkiri umuntu nk'abandi. Amarira ahindura intego, sinasubiye kubabazwa n'ibya ba bandi, numvise muri nyewe mpise mbabarira, kuko numvise ko nakoreye abandi ibiruta ibyo n'abo bankoreye.

Guhera ubwontangira kugira isoni z'ibyo nanjye nari naragiriye abandi. Numva ahubwo ari nje ubarusha ubugome, bo nta n'icya cyumi cy'ubugome bwanjye bagira.

Icyo gihe ntangira gusaba Imana imbabazi ndira cyane. Noneho nigira inama yo gusabira imbabazi abo nababaje bose ntari nakizwa mbinyujije kuri Radiyo, kuko bari benshi, kandi nta kuntu nari gusubira kubabona. Barimo abakozi bari baranyubakiye inzu, abankoreye mu rugo, abankoreraga aho twororera amatungo maremare, n'abo twahuraga mu buryo bunyuranye.

Icyo gihe, niho numvise neza igituma na none Imana yari imaze iminsi imbwira ngo "Ngiye kukwigisha umuntu icyo ari cyo". Numvise koko, ko umuntu adashobora gusingira ubwiza bw'Imana, ko ahora akora amakosa.

Umuntu ni umuntu, umuntu arahinduka, umuntu araharara agaharurukwa, umuntu arazinukwa, umuntu arakora

agacogora. Kandi, umuntu azapfa ari umuntu, kubera kamere y'icyaha avukana. Imana ni yo yonyine Yera kandi idahinduka.

Ibyo bihe nanyuzemo, n'amagambo Imana yambwiye, byaranyigishije nanjye ndimenya, kandi menya umuntu uko ateye by'ukuri kandi namenye neza ko nta zibana zidakomanye amahembe, kandi ko ntagucyirana imanza, kuko twese dukora amakosa.

Imana irangije impa rya jambo riri muri Luka ibice 6 hagira hati *"Mukunde, n'abanzi banyu"*. Nararisomye rimbera rishya, cyane cyane ku murongo wa 35, aho ritubwirako ngo *"Ahubwo mukunde n'abanzi banyu, mugurize abantu mudatekereza ko bazabishyura, ni bwo ingororano zanyu zizaba nyinshi, namwe muzaba abana b'Isumba byose, kuko igirira neza ababi n'indashima. Mugirirane imbabazi, nk'uko So wo mu ijuru nawe azibagirira"*.

Kugeza icyo gihe, sinari nzi ko ngomba gukunda n'abanzi banjye, kandi nta n'agaciro nabihaga mu buzima bwanjye, nta n'ubwo njye nabitekerezagaho, ariko Imana yo, igira ubwenge butangaje. Kugira ngo ikwigishe gukunda byukuri, ikuzanira ibidakunditse, ikaba ari byo igutereka imbere. Maze bikakubera imfashanyigisho. Bikakubera n'urukingo rwo kutazasubira kugwa muri wa mutego wo gusharira.

Bigusigira ububasha n'ubushobozi bwo kurinda umutima wawe gukomereka, no gusharira. Nanjye, nashimiye Imana kubona ba bandi barabayeho bakanyigisha gukunda n'abanzi banjye. Uko ni ko Imana yanyigishije kubabarira, kandi, uko ni ko Imana yashize uburinzi ku mutima wanjye.

Ubu, icyo wankorera cyose, ntikibasha kungera ku mutima, ngerageza kucyirinda mbere y'igihe, nkacyereka Imana, ahasigaye nkituriza. Ubundi, nize kurinda umutima wanjye n'ibitekerezo byanjye mbishobojwe n'Ijambo ry'Imana riba muri njye. Tumenye ko imitima yacu ari icyicaro cy'ibitekerezo byacu.

Iyo Imana uyirekuriye ibitekerezobyaawe, abirinda ibitekerezo bibi bikomoka kwa Satani, kuko uwo mwanzi w'Imana n'abantu, nta kindi agushyiramo atari ugusharira, no guhoza inzika mu mutima.

Nize rero gushikamisha umutima wanjye mu Mana, Imana n'Ijambo ryayo, ni yo ihora mu bitekerezo byanjye, mporana na we aho ndi hose, mu biganiro bidashira, tunganirira mu mutima. Umwanzi, nta kibanza agifite mu mutima wanjye.

None mpora ndi amahoro masa. Nta kimpungabanya, nta biracitse ikiba iwanjye. Nize kuvuga nka Joyce Mayer ngo *"Ntacyo bitwaye"*, igihe cyose mpuye n'ikimbabaza. Kandi nize kunyurwa no kunezererwa umunsi wose Imana impaye wo kubaho.

Mu bibi no mubyiza, nize gushima Imana. Ijambo Imana yavuze riri muri Yesaya 26:2 na ryo ryaranyubatse cyane, rikomeza umutima wanjye. Yaratubwiye iti: *"Ugushikamijeho umutima uzamurinda aho amahoro masa kuko akwiringiye"*.

Buri wese akwiriye kwiga kurinda umutima we gusharira, no kwitotomba, kuko umutima ushaririye uba uhumanye, ntabwo wabasha kujya mu ijuru. Mu Ijambo ry'Imana mu Abaheburayo 12:15 hagira hati *"Mwirinde*

hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw’Imana, kandi hatagira umuzi wo gusharira umera ukabahagarika umutima abenshi bagahumana”.

Umwami wacu Yesu Kristo yarivugiye mu Abefeso 5:26 agira ati *“Itorero rye azaryishira ritagira ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, azaryishyira ryejeje ritagira inenge”.*

Ikizinga ni icyaha cyanduza umutima ariko noneho umutima ufite umunkanyari, ni umutima ushaririye. Imana rero, ntizabasha kubana n’abantu bafite inzika n’ibikomere ku mutima, n’iyo baba atari bo biturukaho. Tugomba kugera ku rugero rwo kwihangana no kwirinda muri byose, kuko kwirinda no kwihangana ni byo bigaragaza abanesha.

b. Umwami Yesu yankijije amacakubiri

Amacakubiri nagiraga mu mutima wanjye, sinamenye uko yanshizemo, n’ukuri sinamenye uko byagenze. Umwami Yesu yankundishije abantu bose nta kindi nshingiyeho atari uko ari abantu Imana yaremye. Umuntu wese, mubonamo Umwana w’Imana, kandi mpa agaciro umuntu uwo ari we wese, nkumva ngomba kumwubaha kuko yaremwe n’Imana mu buryo butangaje.

Umuntu ni cyo cyaremwe kiruta ibindi byose, kandi ni cyo gikundwa n’Imana kurusha ibindi byaremwe byose. Ndetse, urukundo akunda umwana w’Umuntu, ntaho ruhuriye n’urwo akunda abamarayika.

Abamarayika ni abakozi bacu, ni imyuka ifasha abakijijwe kunesha. Urumva rero ko kwanga umuntu uwo ari we wese,

ukamugirira nabi, ni cyo kintu kibabaza Imana by’indengakamere. Kandi n’ababyeyi bo muri ino si, ni ko tumeze. Nta wakwangira umwana wawe ngo umwishimire.

Imana ntibasha kwishimira abantu bafite urwango. Nta mpamvu n’imwe yatuma wanga umuntu n’umwe. Abahutu nabo, ubu narabababariye, nta n’ubwo nkirebera abantu mu buhutu cyangwa ubututsi, murebera mu cyo dushobora kumariranira, ndetse no mu gutoranya abakozi bankorera, sinkibarebera ku mazuru, mbarebera ku bushobozi n’ubumenyi bafite.

Kumenya ko uri umuhutu cyangwa umututsi, nta n’agaciro nkibiha. Ijambo nasomye muri *1Yohana 3:14 b*, naryo ryaramfashije kumva neza ingaruka zo kwangana, noneho ngushira mu bintu bya mbere ngomba kurinda umutima wanjye.

Iryo Jambo ry’Imana riratubwira riti *“Udakunda aguma mu rupfu, umuntu wese wanga mwene se ni umwicanyi, kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we”.*

Ni umwicanyi kuko iyo wanga umuntu akabimenya, muri kamere y’ubumuntu, ahita yumva nawe akwanze n’ubwo yaba yagukundaga. Uba uteye umutima we gukomereka no gusharira, kandi, tumaze kubona ko umutima ushaririye utazabona Imana.

Urwango, rwica ubugingo bw’umuntu. Twirinde kwangana, ahubwo twuzure urukundo, ni ko kubaka Ubwami bw’Imana, ku bwo gutuma imitima y’abandi yuzura umunezero.

c. Imana yankuyemo urukundo rw'amafaranga n'iby'isi

Urukundo nakundaga amafaranga n'ibintu rwarangiye. Nkuko nabibabwiye mbere, iyo natangaga akantu gato cyangwa amafaranga na make, Satani yanyumvishaga ko nakoze nabi ko nanjye nzakenera ibyo natanze nkabibura, nahoraga niburanya mu mutima wanjye, ngahora nicyuza.

Imana yankuyemo gukunda amafaranga n'iby'isi mu kuyumvisha ko ibyo dufite byose ko ari ibye, ko yadutijije, ko ndetse, tutagomba kubikoresha uko dushatse tubyangiriza cyangwa tubyikubiraho.

Imana yanyigishirije ijambo ryitwa "Gutirura". Yambwiye ngo "Mwebwe abana b'abantu mwaranyobeye, mwebwe ubwanyu muri " Abatirano", n'ibyo nabahaye nibitirano ariko naza kwitirurira mukanyima".

N'ukuri iri Jambo ryankuyemo guhora nihugiyeho nitekerezaho buri gihe, no guhora nshyira imbere ibibazo byanjye buri gihe. Nanjye ubwanjye numvise ko ntari uwanjye ngo nigenge, nibwo numvise neza ko ndi uw'Imana kandi ko n'umubiri wanjye atari uwanjye, ahubwo ni uw'Imana.

Singomba rero kuwukoresha ibyo nishakiye, ngomba kuwukoresha ibyo nyirawo ashaka. Ururimi rwanjye ntirukiri urwo gutukana, ahubwo, ni urwo guhumuriza abandi, no kuvuga Ijambo ry'Imana. Amaguru yanjye, si ayo guhora mu kabare nka kera nywa byeri nkarya na za borosheti, ahubwo, numva yahora mu ngoro y'Imana, amaguru yanjye agakora umurimo wo kujya kuvuga ubutumwa.

Amaboko yanjye ntakiri ayo gukubitana ahubwo na yo kuramburira imbere y'Imana nyihimbaza. Ni nayo kuramburira ku bandi bantu mbahesha umugisha. Ibyo Imana yampaye numva nezerwa iyo mbisangiye n'abandi. Iyo Imana yangiriye ubuntu ikambashisha nkagira icyo ntanga biranzezeza.

Naje kumenya neza ko ikintu cyo muri iy'isi kigufitiye umumaro munini, ntabwo ari cyo wihaye wowe ubwawe, ni icyo utabaje utagira kivurira. Icyo ni cyo kiguhesha umugisha, kandi icyo ni cyo kigiye kukubakira inzu uzaturamo mu Ijuru. Yesu yaravuze ngo "Aho ibintu byanyu biri ni ho n'imitima yanyu izaba".

Ni ukuvuga ngo nidutabara abandi ni ko guha Imana, tuzabana na yo, ariko nitwikundisha iby'isi, tuzashirana na byo. Umuntu wese n'umuryango we bakwiye gukoresha ibibakwiriye kugira ngo babeho, ibisigaye bagasagurira abatabasha kwibeshaho. Kandi tumenye ko idini Imana yemera kandi yishimira ari ryo Torero ry'Imana, rigizwe n'abanyempuhwe basangira ibyabo batikubiyeho.

Ijambo ry'Imana riratubwira muri Yakobo 1:27 riti "Idini ritunganye ritanduye imbere ya Data wa twese ni iri "Ni ugusura impfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo no kwirinda kutanduzwa n'iby'isi". Imana rero ntitwemera kuko dusengera mu idini runaka, itwemera kuko tugirira impuhwe abandi, tukuzura urukundo kuko na we ni urukundo.

Iri Jambo ry'Imana naryo riri muri Yeremiya 17:11, naryo ryarushijeho kunyigisha no kunkuramo irari ry'iby'isi ryambagamo. Riratubwira riti: "Umuntu wirundanyaho ubutunzi bw'amahugu ni

nk'inkware ibundikira amagi itateye. Ubwo butunzi buzamusiga agabanijemo kabiri iminsi yo kubaho kwe, hanyuma azaba umupfapfa".

Urumva rero, nta kugundira ibintu Imana yadutije. Tugomba kumenya gusangira n'abandi. Nanjye nize kugira icyo nsangira n'abandi, naho bitajya byoroha.

Buri mukozi w'Imana, yarakwiye kubasha kwihebera abandi akageza ku rugero rwo kuvuga nka Pawulo yabwiye Abakorinto agira ati: *"Dore ni ubwa 3 nitegura kuza iwanyu, kandi sinzababera ikigusha". Si byanyu nshaka, ahubwo, ni mwe ubwanyu nshaka. Kuko abana badakwiriye guhunikira ababyeyi, ahubwo ababyeyi ni bo bakwiriye guhunikira abana. Nezezwa no gutanga ibyanjye ndetse no kwitanga rwose".* (2 Abakorinto 12:14).

Umukozi w'Imana nyakuri, ntagomba gushakira inyungu mu bo akorera, ahubwo, ni we ugomba kubabera inyunganizi, agakoresha uburyo n'impano Imana yamuhaye, akabereka urukundo, kugira ngo abashe kuba umuhesha w'imigisha y'Imana.

Icyakora, Imana yanyigishije ko no mu kugira ubuntu, ko tugomba kugira ubwenge, kugira ngo ibyo dukora biduheshe umugisha. Buriya mu buzima duhura n'abatekamutwe benshi, badasabira ubukene, ahubwo basabira ingeso, hari abantu baba bafite ingeso mbi yo gushaka kunyunyuzwa abandi.

Buriya iyo ugikizwa, uba uhirimbana ufite ishaka ryinshi ryo gukorera Imana. Uba wumva ufite n'ubwuzu bwinshi, wumva no gufasha abandi ubafasha bikoroheye. Wumva uryohewe no gutanga.

Nuko rero nanjye byangendekeye, ariko Imana yararebye isanga ndi gukorana ubujiji, irambwira iti: *"Jya ugira ubwenge no mu kugira ubuntu ugomba kugira ubwenge. Imana irambwira ngo "Kura izo nzige ziri inyuma yawe".*

Ubu, nize no kudapfa gufasha uwo ntabwiwe n'Imana, kuko burya Imana ni yo iba ituzi, izi n'ubukene bwacu uko bumeze. Kandi n'ikindi namenye, n'uko nta muntu wizera Imana wakijijwe by'ukuri usabiriza, ngo yirirwe asaba abana b'abantu nka we. Uwo kumenya ibibazo byacu ni umwe gusa, ni Yesu Kristo, kuko ni nawe ufite ibisubizo by'ibibazo byacu byose.

Ijambo nasomye mu Abafilipi 4: 6, naryo ryarampuguye cyane, menya ko umuntu wese akwiriye gusaba Imana ikaba ari yo imenya ibisubizo bye aho bizaturuka. Na ho gusabiriza, ni ukwirwanirira, ni ukwishira ahabona, kandi akenshi abantu bakwumvira ubusa.

Imana ntabwo yishimira abantu birwanirira kuko bimugaragariza ukutamwizera. Mu byukuri gusabiriza n'ingeso mbi ikwiye kutuvamo. Iryo Jambo rero riraturwira riti *"Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana. Mubisabiye, mubyingingiye, mushima".*

Nyamara n'imbere y'Imana, nta kugaragara nk'umuntu usuzuguritse. Imana yaduhaye ubwenge kugira ngo tubukoreshe, tubashe kuba abantu bazi kwigira inama, mu gutora inyishu z'ibibazo byabo. Iyo uri imbere y'ikibazo, menya ko ari icyawe, kandi ko ari wewe ubwawe ugomba kukibonera igisubizo.

Ntabwo tugomba guhora duhanze amaso inshuti zacu, reka gutekereza

kuri nyogosenge na so wanyu, ndetse n'abavandimwe bawe ko ari bo bagomba kukubera ibisubizo by'ibibazo byawe. Ibyo, ni ugukurura amatiku n'inzangano, kuko nta muntu wabasha kumara ubukene bw'undi muntu.

Iyo wibajije nabi, wisubiza nabi. Igihe uri imbere y'ikibazo runaka, reka kwibaza ngo mbe nzarya iki?, ngo mbe nzambara iki ?, mbese abana banjye baziga bate ?. Ahubwo, ibaze uti: "Ubu, nakora iki kugira ngo tubone ibyokurya, tubone ibyo twambara, nakora iki kugirango mbone uburyo bwo kurihira abana banjye amashuri ?".

Noneho ugasenga Imana, kugira ngo igufashe kugira ibitekerezo bizima, igucire n'inzira yo kubishyira mu bikorwa. Imana yigeze imbwira ngo "Igihe ugitegereje, gira icyo ukora". N'Ijambo ry'Imana riri mu *Gutegeka kwa kabiri 28:8* riratubwira riti: "Uwiteka azategeka umugisha kuba mu biganza byawe, no mu byo ugerageza gukora byose".

Ugomba rero kugira icyo ugerageza gukora, Imana iheraho iguha umugisha. Abakizwa bamwe na bamwe kenshi, njya mbona bishyiramo ubunembwe, bakibaza ko gusenga gusa ntacyo bakora ko bizatuma Imana ibatunga bicaye.

Imana yo ubwayo muri bwa butumwa yampaye kubagezaho yaratubwiye iti "Ntacyo bimarira ko musenga mudakora. Kandi twibuke ko n'umugani w'ikinyarwanda utubwira ngo "Usengera Imana kw'ishiga ikagusiga ivu" . Mu kirundi naho bavuga bati "Igusiga umunyota".

d. Umwami Yesu yankuyemo irari ry'inzoga n'iry'amafunguro

Imana yakoresheje ubuhanga bwe kugira ngo ampebeshe inzoga, ankuremo n'irari ry'ibiryo. Imana mu kumpebesha inzoga yarankubise mu mutwe, kuko nari narananiranye. Nk'uko nabivuze kare, nakundaga byeri cyane. Maze gukizwa, nashishikaye kunywa byeri uko bisanzwe, kuko sinumvaga uburyo inzoga yaba ihabanye n'Agakiza.

Narinyweraga rwose nta kwihisha uwo ari we wese, no mu kabare najyagayo nkanywa nta soni na nke nari mfite. Hashize amezi arenga nk'atanu, hari umuntu wambonye ajya kundega kwa Pasiteri wanjye. Noneho Pasiteri arampamagara ndamwitaba, arambwira ati "Ku munsu wa gatandatu ndagukeneye mu biro, hari icyo nshaka kukwibariza".

Naragiye musanga mu biro bye, noneho arambwira ati: ko numvise ko washishikaye kunywa inzoga, ibyo ni byo?. Ndamusubiza nti "Rwose uwabikubwiye ntiyambesheye, n'ubu ndacanywa inzoga, kandi sinteze no kuziheba, cyane cyane iyo mvuye ku kazi nta kindi cyamara inyota atari ibyeri".

Ndongera ndamubwira nti "Sinumva ko hari icyaha nkora igihe cyose nyoye sinsinde. Pasiteri arambwira ngo kunywa warakijijwe si byiza rwose, Imana irabyanga, ntabwo Umwuka Wera w'Imana ubana n'umuntu unywa inzoga, agira ati: "Ku bwanjye simfite imbaraga zo kukubuza kunywa inzoga ngo bishoboke".

Pasiteri akomeza agira ati: “Icyo ngiye gukora ni ukugusengera noneho Imana yo izamenya uko ikugenza”. Narapfukamyeye, Pasiteri andambikaho ibiganza aransengera, arangije arambwira ati “Wewe genda ukomeze winywere inzoga yawe uko bisanzwe, ntugeraze kuzibuza wowe ubwawe na we ntiwabibasha, Imana hari icyo izakora”.

Naratashe nkora uko Pasiteri yambwiye, nshishikara kwinywera inzoga uko nari nsanzwe. Hashize ibyumweru bibiri, ntangira kumva impinduka mu mubiri wanjye. Nanywaga byeri nubwo ryaba rimwe nkarinywa, numvaga riryo ariko nyuma, nkagira isesemi, nkameneka n’umutwe. Noneho najya kubuka mu gitondo bikananira, nkumva umutwe urandemereye cyane.

Nakomeje guhatiriza, ariko byagezaho binanira, nkananirwa no kujya ku kazi, bugaca numva meze nk’umurwayi. Nagezaho mfata ubwanjye ingamba yo kureka inzoga ariko, ntabwo nibaza ko ari Imana yabikoze, nibaza ko ari ubwonko bwanjye bushaje, butakibasha kwihanganira inzoga. Kuko na Mama amaze gukura yigiriye inama yo kureka inzoga kuko atari akizibasha.

Nyuma yo gufata umwanzuro wo kutongera kunywa inzoga, nagiye gusuzuma inka nk’uko byari bisanzwe, noneho mu ma saa sita izuba rimaze kwaka ari ryinshi, ngira icyaka ariko numva nyotewe kwongera kunywa byeri mu buryo budasanzwe.

Muri uwomwanya nahisenatsa imodoka ntaha nihuta kuko numvaga umutima wanjye urarikiye byeri. Maze kugera mu rugo nta kindi nakoze natumye

umwana wari mu rugo kunzanira byeri ikonje. Noneho arambaza ngo mama usubiye kunywa byeri?. Ndamusubiza nti “Wowe ntibikureba, genda wihuta gusa”.

Umwana yazanye byeri nari namutumye arayipfundura ansukira mu kirahuri arakimpereza, ndagifata nkigejeje ku munwa ngiye gusoma, numva ikintu kinyashije mu mutwe nk’ishoka, noneho ikirahure kirancyika cyikubita hasi. Sinabashije gusomaho na duke.

Muri ako kanya, numvise umutwe wanjye umeze nk’usadutsemo ibisate bibiri. Nawufashe mu biganza, tsindagira buhoro buhoro mpita nja kuryama, kuko numvaga mbabara cyane. Guhera icyo gihe, nahise mpeba inzoga burundu. Nahise ndahira mbwira Imana ko ntazongera kunywa inzoga, kuko mbonye ko Imana idashaka ko nsubira kunywa inzoga.

Ibyo ni byo byanyemeje ko na mbere ko ari Imana yari yaranteje isesemi no kumeneka umutwe igihe cyose nanywaga inzoga. Umutima w’inzoga wahise ucyurama, ubu niyo nicaranye n’abazinywa, sinumva nzishaka, ni yo wazinsukaho, nta gatima kazo kakibuka. Ubu ndashima Imana ko icyo ari igitego gikomereye Imana yaneshereje.

Ikindi, Imana yamfashije kugabanya irari ry’ibiryo. Navukanye irari ry’ibiryo. Kuva nkiri muto nakundaga kurya cyane. Ubundi bavuga ko umwana ararikira ibiryo kuko adakunda kubibona, kuko iwabo bakenye ariko kuri nje iyo mpamvu ntiyari ihari. Nakuriye mu rugo rukize ku biribwa, ndetse n’inyama ntitwazisiba kuko Data

yarafite akazi kamuhemba buri kwezi, dufite n'isambu rinini ryera ibintu hafi ya byose.

Kuba twari dufite ibiryo biduhagije buri muni, ntibyatumye umururumba wabyo umvamo. Noneho twajya kurya nkumva ntajya kubasha guhaga, ngatangira kurya ncuranwa, nkahagarika umutima. Twese abana twasangirira kw'isahani imwe. Nkiri muto, sinashyiraga uturaso ku mubiri kubera guhora mpagaritse umutima ku biryo.

Iyo kamere mbi yo guhoza umutima ku biryo narayikuranye. Mu ishuri si nje nabonaga saa sita zigeze ngo tujye kurya, ndetse n'iyi najyaga mu rusengero, nasengaga umutima wibereye mu masafuriya, nitekerereza ibyo ndya ngeze mu rugo. Umutima wanjye nari narawushikamishije ku biryo.

Nkuko nari nabivuze mbere, aho nkuriye maze no kubaka urugo, naryaga birenze urugero. Umugabo akajya ambwira ati: ariko kwa Nyakamwe mukunda kurya! Mu byukuri, naryaga nk'ufite abashyitsi mu nda. Maze gukizwa, ntangiye gukorera Imana, ni ho Imana yatangiye kujya imbwira amagambo ambuza gukomeza kurarikira ibiryo.

Yamvugishije mu bihe bitandukanye. Imana yatangiye imbwira ngo "Nta mukozi wanjye urya nk'uko urya". Ubwo, Imana imaze kumbwira gutyo, nasabye Imana imbabazi ngerageza kugabanya imirire ariko hashize iminsi, birasubira birananira".

Noneho Imana irambwira ngo: "Umuntu ntatungwa n'ibyokurya gusa, ahubwo, atungwa n'ijambo rivuye mu kanywa

k'Uwiteka Imana ye". Ndasubira ndongera ndagabanya, ariko hashize iminsi, birasubira birananira.

Imana ifite inzira nyinshi zo kudukosora. Ibonye nananiranye, yanjyanye mw'iyerekwa, ni ho numvise ngize ubwoba mfata ingamba na ho ntarazigeraho neza, ariko byatumye mpa agaciro ibyo Imana yakomeje kumbwira nkabifata nk'ibisanzwe.

Ubwo, umunsi umwe nari nafashe umwanzuro wo kwirigwa mu rugo ngategura ikiganiro. Ariko, kubera kurya ntacyo nakoze umunsi wose. Burya ibiryo byinshi bicya intege, iyo umaze kurya ugahaga cyane wumva ushaka gusinzira. Nuko byangendekeye. Ubwo, umutware wanjye na we yari mu rugo.

Noneho ifunguro rya mu gitondo rimaze kuboneka, umutware wanjye yarampamagaye ngo ngwino dusangire, ndagenda. Turasangira turarangiza, ndarya ndahaga nta kwitangira na guke kurimo. Noneho nsubira kuri wa murimo wanjye. Sinicyaye iminota irenze itanu, ibitotsi biba biramfashe, ndaryama ndasinzira. Aho nkangukiye, ibiryo bya saa sita biba birahiye.

Na none umutware wanjye arongera arambwira ati "Ngwino ibiryo birahiye", ndamanutse, mvuyemucyumba aho nari ndi, tujya ku meza turicyara turongera turafungura. Ndagije, numva ibitotsi biragarutse noneho byinshi cyane, mpita nongera nsubira kuryama. Noneho ndasinzira nyagusinzira.

Muri ibyo bitotsi ni ho Imana yampereye iyerekwa ryanteye ubwoba bwinshi. Nzakubona ndyamye mu cyumba cy'inyuma mu rusengero. Noneho

nkabona ndya inyama zitetse, nkazirya, izindi nzitetse zitogota mu nkono ku ziko. Noneho icyambabaje, n'uko nari ndyamyeye, abandi bari mu rusengero bumva Ijambo ry'Imana.

Noneho mu kanya haza umuntu w'umugabo ansanga aho nari ndyamyeye, afata urwembe nari nasize ku mutwe w'aho ndyamyeye, arambwira ngo mukecu, nta kindi usigaye atari ukujya baguca inzara. Ngo "Zana nguce inzara".

Yaranciye inzara, nari mfite ibyara birebire, noneho araza arabinyerera, arabwira ati: "urabona ibyara byawe uko byari bisigaye bingana? ngo mbega nta n'ubwo ukibasha kwica inzara?"

Narakangutse, noneho ngira ubwoba, numva koko ko gukomeza kurarikira ibiryo bishobora kuntandukanya n'Imana nkarimbuka. Urumva, uko izo nzozi zisobanura, n'uko umukecuru ari umuntu w'integere nke atacyo agishoboye. Urumva ko ntari nkibasha no kwica inzara.

Umukecuru mu buryo bw'Umwuka, ni umuntu utagira integere mu by'Imana. Ni umuntu usa n'aho yacogoye mu by'Imana. Urumva rero kurya cyane, bituma ucika integere ugasinzira, ntube ukibashije gusenga, ntube ukibashije gukorera Imana.

Ikindi naje kubona, n'uko iyo uhaze cyane utabasha gusabana n'Imana. Kandi ikindi, n'uko Imbaraga z'Imana ari wo Mwuka Wera udakorera mu muntu uhora yuzuye inda.

Imana ikorana n'abantu babasha kugenga imirire yabo, bagakunda no

gufata ibihe byo kwiyiriza ubusa. Kuko Imanayariisigaye imbonank'umukecuru udafite icyo yakwimarira. Kuva icyo gihe, naragabanyije imirire yanjye, none, ubusabane bwanjye n'Imana bwariyongeye mu buryo budasanzwe.

Imana mu by'ukuri, yanga ko turarikira ikintu icyo ari cyo cyose. Yaba inzoga, yaba ibiryo, yaba imyenda, yaba umuntu. Ibyo turarikira ni byinshi. Imana ntibasha kwihanganira iyo kamere y'irari, kuko icyo urarikiye ni cyo werekezaho ibitekerezo byawe, ni cyo ushyikamishyaho umutima wawe, kuko, ni cyo uba wimitse mu mutima wawe no mu bugingo bwawe.

Iyo wimitse ikindi kintu kitari Imana, Imana irimuka kuko ni Imana ifuha, kanditibangikanywa. Nk'uko nabivuze mbere, Ijambo ry'Imana riraturwira riti: *"Irari ryimura Imana rikamenagura umutima w'Imana"* (Ezikiyeli 6:9). Irari iryo ari ryo ryose ribabaza umutima w'Imana.

Mu Indirimbo za Salomo mu gice cya 6 ni cya 8, umugeni yabwiye umukwe aya magambo, wumve ko ari wowe uri kuyabwira Yesu, kuko ni we Mukwe natwe turi Abageni. Yaramubwiye ati: *"Unshyire mu gituzo cyawe mbe ikimenyetso. Mbe no ku kuboko kwawe, kuko urukundo rukomeye nk'urupfu. Kandi ifuha ntirigondeka ni nk'imva. Ibirimi byarwo ni nk'iby'umuriro. Ni umuriro rwose w'Uwiteka"*.

Urumva rero tugomba guhora mu gituzo cy'Imana, guhora mu gituzo cy'Imana, ni uguhoza Imana mu mitima yacu, Imana ikabasha nayo kuduhoza ku mutima wayo, kandi tukamera nk'umuringa ku kuboko kw'Imana. Ikintu wambaye ku

kuboko ntugikuraho amaso. Tugomba gukora ku buryo Imana iduhozaho amaso, ni bwo tuzaneshya kuko, ni ho izabasha kutugwanirira ikatuneshereza.

Kurarikira ikintu na kimwe, ntimukabikinishe kuko bitera Imana gufuha, kandi ngo ifuhe rye, ni nk'umuriro ukongora. Abisirayeli buriya, nta kindi cyabarimbuye, bahoraga batera Imana gufuha. Bagiraga kurarikira muri bo, bagahora bararikiye ibyo baryaga muri Egipta, ibyo Imana ibaha ntibibanyure, imitima yabo igahora itekereza ibyo basize inyuma.

Bamara kubibura bakava ku Mana, bagasenga ibigirwamana, bakirwanirira, Imana igafuha. Imana yagerageje kubakosora, kugeza aho yo ubwayo yabavugishirije ku musozi wa Siyoni, ariko, ntibava kw'izima ngo bareke irari ryabo.

Amaherezo, barimbukiye mu butayu. Natwe, rero twirinde, kuko aho twerekeje umutima, ni ho tuzaba. Natwe, ntidukomeze kwerekeza imitima yacu ku by'isi, ngo tuzarimbukane nabyo.

e. Umwami Yesu yankijije ubwoba

Imana yankijije ubwoba. Nta kikintera ubwoba ngo gitume mbura amahoro. Maze kwakira Yesu, igitangaza yankoreye ni ukumpa umutuzo mu mutima wanjye, umuruho nari mfite urarangira, umutima wanjye warakeye, ijwi ry'urucantegye ryambagamo riraceceka, ibyuya nahoraga mbira birakama, nsigara nsinzira nk'uruhinja rutagira ikibazo na kimwe.

Ibibazo n'ingorane byo bihoro ariko Yesu namubonyemo umurengezi

wo kunyikorera imitwari, nanjye nkaruhuka. Iyo mpuye n'ikibazo icyo ari cyo cyose nkizanira Yesu, nanjye nkatuza, nkamwizera ahasigaye akantabara.

Ijambo yatubwiye ngo *"Mwese abarushye n'abaremerewe nimuze munsange ndabaruhura (Mariko 11:28)* Nukuri, uwumva aremerewe, ntatinye kwakira Yesu Kristo ngo amusange maze abone uko amuruhura.

Nta wamushatse ngo amubure, kandi nta wamusanze ngo yirukanwe. Ahubwo, yicara adushaka kugira ngo adutabare. Umuntu muri kamere ye agira ubwoba mu mutima we, ntabikinishe ngo yumve ko ari ibisanzwe. Ntabwo ari byiza kuko Umwuka w'ubwoba uturuka kuri Satani.

Umwuka w'Imana ni amahoro n'umunezero. Bityo, Umuntu uhora ubona ubuzima bwe bwirabura, agahorana umutima uhagaze w'ejo hazaza, bigatuma adatuza, agahorana ubwoba, akananirwa gusinzira, nta kwizera aba afite.

Uwo muntu, ni uwa mbere ku rutonde rw'abazarimbuka, aza imbere y'izindi nkozik'ibindibibiyose. Ijambo ry'Imana riri mu *Byahishuwe 21:8* riraturwira riti: *"Abanyabwoba n'abatizera, abakora ibizira n'abicananyi, abasambanyi, n'abarazi, abasenga ibishushanyo n'abanyabinyoma bese, umugabane wabo, uzaba mu Nyanja yaka umuriro n'amazuka ari rwo rupfu rwa kabiri".'*

Umuntu ubana n'ubwoba, aba yarimitse Satani mu mutima we. Ni we uhora utwongorera ibiduca integere, akatwereka ko nta buhungiro, ko ibyacu birangiye.

Noneho ubwoba bukatwicya. Nta kindi cyadukiza ubwoba atari ukwimika Imana mu mitima yacu, tukimura Satani.

Ibyo biradusaba kwima amatwi ijwi rya Satani, noneho, tugatega amatwi yacu ijwiry’Imanayonyine. Biradusabakwima ibitekerzo byacyu Satani, tukabirekurira Imana. Biradusaba kurekeraho guhora dutekereza ku bibazo n’ingorane duhura nabyo, tugahora dutekereza ku Mana no kw’Ijambo ryayo. Aho, ni ho tuzaba amahoro masa.

f. Umwanzuro

Ubutumwa natanga kuri buri wese ushoboye gusoma, n’uko, urukundo n’amahoro byuzuye, nta handi bibonerwa atari muri Yesu Kristo. Kandi aho mboneye Kristo, nasanze iby’isi bitarimo Yesu ari ubusa, kandi nasanze gutunga Yesu biruta ibyitwa ibyiza byose byo mu isi.

Nsobanukirwa ko buri mubyeyi, umurage wa mbere agomba gusaba Imana kugira ngo abe ari wo araga abana be, ni Agakiza, ari we Yesu Kristo. Ijambo ry’Imana rizima riza horaho iteka ryose. Iyo usigiye abana imitungo batagira Imana, barasharikana bakabiryaniramo. Barabyaya, bikabapfira ubusa. Hariho n’ababyicyaniramo. Ariko, iyo bafite Imana ho umurage, abuzuza urukundo, akabaha n’ubwenge bwo kubibyaza umusaruro no kubisangira neza, nta wurenganya undi.

Ijambo ry’Imana rirabubwira riti : *“Hahirwa ishyanga rifite Uwiteka ho Imana yaryo, ubwoko yitoranirije kuba umwandu we” (Zaburi 33:12)*
Irindi somo nakuyemo, n’uko gukiranuka tutaguhabwa n’amategeko,

ahubwo, tuguhabwa no kwizera Yesu Kristo, Agakiza kacu. Nakuze nigishwa amategeko y’Imana, twayafataga mu mutwe tugahora tuyaririmba ariko se, kuyamenya byatumye mbasha kuyashira mu ngiro?. Reka da, nagiye nsa n’aho ntayo nigeze menya.

Ijambo ry’Imana rirabubwira mu *Abaroma 3:21*, rigira riti : *“Hariho gukiranuka kw’Imana kwahishwe, kudaheshwa n’amategeko n’ibyahanuwe, ari byo biguhamya. Ni ko gukiranuka kw’Imana, abizeye bese baheshwa no kwizera Yesu Kristo”.*

Ni ukuri, iyo utagira Kristo, amategeko uba uyazi, ndetse, n’umutima-nama wawe, ukakwereka icyiza n’ikibi, ariko ku bwa kamere tuvukana y’icyaha, ugahora ushaka gukora ibyiza, ariko hakaba izindi mbaraga zigukururira mu bibi, zishingiye ku miterere yawe ya kamere, noneho zikakunesha.

Na Pawulo wari intumwa ikomeye ya Yesu Kristo, na we byamubayeho, mu *Abaroma 7:21/ 25* we ubwe arivugira ati: *“Nuko rero mbona yuko amategeko anyifuriza gukora ibyiza, nyamara ibibi bikantanga imbere.”*

Nishimira amategeko y’Imana mu mutima wanjye, ariko mbona irindi tegeko ryo mu ngingo zanjye rirwanya itegeko ry’ibyaha ryo mu ngingo zanjye. Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu? Imana ishimwe kuko izankiza ku bwa Yesu Kristo”.

Tuzakizwa ku bwa Yesu Kristo, kandi mu buhamya mwabyiboneye. Udafite Yesu ngo akuyobore, akubere umwungeri, aje akwibutsa amakosa yawe, nawe uhore wicisha bugufi imbere ye usaba imbabazi? Wazajya mw’ijuru?.

Nta n’umwe yazarigeramo, kuko turi abanyabyaha.

Ijuru tuzarigezwamo no guhora twezwa amanywan’ijoro, kandi utweze ni umwe, ni Yesu Kristo, utweresha amaraso ye n’Ijambo rye. Kumwiyegurira, tukamwegurira ubugingo bwacu, ni mu nyungu zacyu, kuko ntababarira abatari abe, kandi ntaneshereza abatari kumwe na we.

Tumenye neza rero, ko abizera Kristo ko batazacibwaho iteka. (*Abaroma 8:1-4*) Hari abantu benshi bihangira gukiranuka bo ubwabo, bakumva bazanesherezwaga n’imirimo bakora gusa batagira Kristo.

Ntabwo bishoboka, iyo utagira Kristo, ushobora kugerageza gutabara imbabare, ariko irari ry’umubiri wawe rikaba ryarakubase, n’ibindi byaha byinshi bikorerwa mu mitima yacu bikakunesha. Kandi, dukomeze dusobanukirwe ko imfunguzo zifungura ijuru ko ari eshatu:

Agakiza, amaraso ya Kristo, Imirimo myiza. Habuzemo rumwe muri izo, nta juru wabona. Kandi inzira y’Ijuru itangirira mu kwakira Kristo, ukamwiyegurira, ukamwizera.

III .3.2 Umwami Yesu Kristo yaranyiyeretse

Nkuko nari nabisabye, ni ko byagenze. Umwami wanjye Yesu Kristo ntiyatinze kunyiyereka, yanyiyeretse mu buryo 3 butandukanye:

a. Yesu yarampamagaye n’ijwi rye rirenga, ubundi ampa amayerekwa

Hano, ngiye kubaha ingero nkeya, ntabwo twabivuga muri iki gitabo byose ngo tubirangize. Ijoro ryo ku wa 28 Ukwakira 2006, ryambereye ijoro ritandukanye n’ayandi majoro nabayemo cyangwa nzabamo. Kuko bwari ubwa mbere umwami wanjye Yesu ampamagara n’ijwi rye rirenga.

Nari nsinziriye, bigeze saa munani z’ijoro numva arampamagaye mu izina ryanjye ari mu Ijuru ati: “Kiristina, byuka upfukame, unsabe abakiriya b’inzu yawe”.

Nari mfite ikibazo cy’abakiriya b’inzu yanjye yari imaze umwaka umwe n’igice yarabuze abayikodesha. icyacyumi cyayo ni cyo cyarimo abantu gusa. Abari bayirimo bayivuyemo icyarimwe. Sinari nkibasha kwishyura ideni rya banki.

Narakangutse ndatitira, mbwira Imana nti: “Sinari nzi ko uhamagara abakizwa gutyo” , kandi, aho nabagusabiye abakiriya bakorerwa mu inzu yanjye, Mana, nari nzi ko wabyumvise, kuko nari maze amezi menshi mbagusaba. Ariko noneho ko untegetse gusubira gusenga, ngiye kubikora, ngerekeho n’amarira, ni ho wabona ko nababaye.

Nahise mpfukama ndasenga nk’uko Umwami Yesu yari amaze kubintegeka,

ngerekaho n’amarira. Nari maze igihe kinini niruka nshakisha abayijyamo narababuze.

Icyo gihe nari narakoze amatangazo yo kuranga iyo nzu ikodeshwa, nyanyuza mu binyamakuru binyuranye, nari narirutse mu miryango itagengwa na Leta (ONGs) za ambasade, imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, nabuze n’umwe wahishimira ngo ayijyemo.

Abakiriya barazaga bakareba, twamara kuvugana, bakanyizeza ko bagiye kuvugana n’abakuru babo bakazagaruka. Nanjye ngategereza amaso agahera mu kirere. Iyo Imana yakinze, ndababwiye ko ntawukingura, kandi iyo yakinguye ntawukingira. (*Ibyahishuwe 3:8*). Ibyo narabibonye, mbibonesha amaso yanjye.

Ndababwiye ko Umwami Yesu ari umunyakuri. Bwarakeye, amaze kumbwira gutyo, saa kumi za nimugoroba, haza abagabo babiri baje gushakira amabiro ya The New Times. Baje ntabashatse, ntabahamagaye, sinari nzi ko bakeneye kwimuka aho bakoreraga Kacyiru, ariko Imana yo yaribizi.

Abo bagabo Imana yarabayoboye irabazana. Bahageze, mbatembereza mbereka inzu yose, bahitamo aho bakeneye turumvikana. Bwakeye dusinya amasezerano y’ubukode, bampa avansi, mu minsi mike mbona barimutse. N’ubu, turi kumwe, nibo bakiriya bimenamfite. Kuva uwo muni,

abakiriya bagiye baza umwe umwe, mu minsi mikeye mbona inzu iruzuye.

Imana, yashobora kubikora itarinze no kuvuga, kandi ibyo idukorera ni byinshi itarinze kugira icyo ivuga. Ariko, hano, Imana yashakaga kubanza kunyereka ko ari yo ibikoze, kugira ngo ntazasubira kwiringira mu mbaraga n’ubwenge bwanjye, ahubwo niringire Imana yonyine. Reka mbabwire, nta mukomisiyoneri ungana na Yesu ubaho.

Yesu azi byose, azi imigambi ya buri wese. Ni we gisubizo cy’ibibazo byacu byose. Ngarutse ku kibazo twariho cyo gukodesha amazu, abagombaga kwimuka, abagambiraga kuza mu gihugu kuhakorera bese aba abazi. Ibyo namaze kubisobanukirwa none naratuje.

Ubu, iyo hari umukiriya unsezeye akaba agomba kuva mu nzu yanjye, icyo nkora ni kimwe, mfata ibaruwa yanyandikiye nkayijyana imbere y’Imana nkayimwerekako, nti: “Wabonye ko bansezeye, ntabara rero unshakire ababasimbura”.

Ahasigaye ngakomeza kuyibutsa nyisaba, nkabona umunsi umwe abandi baraje barinjiye. Sinirirwa ntakaza umwanya wanjye n’amafaranga yanjye ngo namamaze, ngo niruke inyuma y’abakodesha amazu. N’iyo ari bo Imana ishatswe kunyuzamo umugisha wanjye, ni bo banshaka si nje ubashaka.

Iki gitangaza cy’Imana cyandemyemo icyizere mu Mana, kandi cyanyigishije

byinshi ku mikorere y’Imana. Cyanyemeje ko Ijambo Imana yavuze riri muri *Yeremiya 33:2-3* ko ari ukuri. Twebwe, mu mbaraga zacu, Imana idahagurutse ngo idufashe, ntacyo twakwishoboza.

Ni cyo gituma Imana idusaba guhora tuyitabaza muri byose. Yaratubwiye iti *“Uku ni ko Uwiteka avuga ari we ugira icyo akora, ari we ukirema akagikomeza, Uwiteka ni ryo zina rye aravugaga ngo “Ntabaza nzagutabara nkwereke ibikomeye biruhije utamenya”.*

Ubundi, iri Jambo ry’Imana naryo riri mu *Abafilipi 4:6*, naho twari tumaze kurivuga hejuru, rirashimangira ibyo tuvugaga hano, riratubwira riti : *“Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n’Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima. Nuko amahoro y’Imana ahebuje rwose, ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n’ibyo mwibwira muri Kristo Yesu”.*

Icyo twifuza cyose, tuje tugisaba Imana, ni yo izi inzira izanyuzamo ibisubizo by’ibibazo byacu. Kirazira ko umuntu uzi Imana ahanga amaso abana b’abantu ngo yumve ko ari bo bazamuzanira igisubizo cy’ibibazo bye. N’ababyeyi bawe ntukabahange amaso, n’abavandimwe bawe, ubakureho amaso.

Hashize iminsi mike, hari mu kwezi k’Ugushyirwa 2006, Umwami Yesu yarongeye arampamagara n’ijwi rirenga kandi kuri ya saa munani z’ijoro arambwira ati : *“Kiristina, ibyo naguhaye ni*

bike? Kuki wiruka inyuma y’umujura?”. icyo gihe nari nemeye gufatanya ubucuruzi (business) n’umunyasenegali, nemera no kuba umuyobozi mukuru w’ikigo cyo.

Ubwo yaramaze kubona isoko ry’Ikigo gitunganya iby’ amashyanyarazi (EWSA), arambwira ati : *“Ejo saa tatu za mu gitondo, tuzahurire kuri EWSA, uzansinyire isoko nabonye ry’amafaranga y’u Rwanda miliyoni cyumi n’eshatu (13,000.000 Frws). Anyereka n’ibaruwa rimuha iryo soko nanjye ndemera”.*

Icyo gihe, icyo kigo cyitwaga Electogaz.

Ubwo, narabyutse ntitira ndapfukama ndasenga, nsaba Imana imbabazi ko nari nemeye gukora ikintu ntabanjije kumubaza ngo akimpere uburenganzira. Nemerera Imana kujya mbanza gusaba Imana inama mu byo nkora byose.

Isomo nakuyemo rikomeye, n’uko ntacyirukira kugisha inama umwana w’umuntu. Umuntu ni umuntu, ntashobora kumenya uko ibintu bizagenda, n’inkurikizi y’ikintu icyo ari cyo cyose. Imana ni yo yonyine ibishobora. Mu byukuri, ni yo yonyine yo kwiringirwa. Byose, nari nabigishijemo inama umugabo wanjye akumva ari nta kibazo, dushobora ahubwo kubiboneramo inyungu.

Nyamara, ijamba ry’Imana muri *Yeremiya: 17:5-8*, riragira riti : *“Havumwe umuntu wiringira undi muntu, akishima amaboko ye, mu mutima we, akimura*

Uwiteka. Azaba ameze nk'inkokore yo mu butayu, kandi icyiza nikiza ntazakibona, ahubwo, azatura mu gihugu cy'ubukuna kidaturwamo.

Hahirwa umuntu wizera Uwiteka akamubera ibyiringiro. Kuko azahwana n'igiti cyatewe hafi y'amazi gishorera imizi mu mugezi. Ntikizatinya amapfa nacana, ahubwo, ikibabi cyacyo kizahorana itoto, ntikizita ku mwaka wacanyemo amapfa, kandi ntikizareka kwera imbuto zacyo. Amen".

Ubwo, mugitondonahisendekakugenda kuri ya gahunda twari twasezeranye na wa Umunyasenagali, mubwira ko ntumvise neza iby'ikigo cye, noneho musaba ko twongera tugahura kugira ngo ampe ibindi bisobanuro.

Ubwo, Imana yo yashakaga kunyereka uwo muntu uwo ari we. Umunsi ukurikira, twarongeye turahura nk'uko nari nabimusabye. Noneho, tumaze kwicara, naramubajije nti: "Ubu se ababasha gukorana ni ba nde?". Ubu se abantu bashobora gukorana bataziranyi?

Ndamubwira nti "Njyewe icyo mbona n'uko waba umpfashe nk'umukozi wawe, ukankoresha ukampemba, ukabona n'uko nkora imbere yo kunshinga amabanga akomeye gutyo mu kigo cyawe. Noneho twamara kumenyana neza, ukabona kunyinjiza mu kigo cyawe.

Nyuma yo kumubwira gutyo mbona ararakaye cyane, noneho ahita ambwira ngo ubundi bwo ni ukubera iki

ngabura amafaranga yanjye na we ? Musubiza nti "Nanjye ni cyo cyanteye ubwoba. Si ndi umuvandimwe wawe, si ndi n'incuti yawe, ntitunaziranyi mu by'ukuri, nanjye nakomeje kwibaza icyo ukurikirana icyo ari cyo.

Noneho arambwira ngo urashaka kumenya uwo ndi we? ndemera. Arambwira ati "Ngiye kukwereka uwo ndi we." Yahise afungura ka Mudasobwa yarafite mu ntoke, anyereka indaya ze, abo yasize muri Senegali, muri Kanada, izo aryamana nazo i Kigali.

Naratitiye, mpita mva hasi niruka ndataha. Nashimiye Imana n'ubu nkiyishimira ko yandinze kugwa mu cyobo cy'umwanzi Satani yari yancukuriye . Nahise mbona nanjye icyo yashakagaho ko kwari ukugira ngo azampindure igikoresho cye, noneho njye musahurira amafaranga y'umutware wanjye njye nyamushira. Ni cyo gituma numva ntacyo ntakorera Imana ngo nyishime.

Nta minsi yashize, nza guhura n'umunyarwanda umwe, ariko we twari dusanzwe tuziranye, noneho arambwira ati: "Ndashaka kugukodesha ubucuruzi bwanjye (business) mu gihe cy'imyaka 10, kuko ngiye kujya gusanga umugore wanjye n'abana banjye muri Amerika, nanjye nkiga.

Noneho atangira kumbwira ukuntu yunguka, ahamagara na kontabule we ngo abinsobanurire; bambwira uburyo bunguka amafaranga miliyoni makumyabiri buri kwezi (20 000 000),

maze bakishyura banki miliyoni cyumi n'eshanu buri kwezi (15.000.000 frw), bakaba basigarana amafaranga make angana na miliyoni eshanu (5.000.000 frw).

Ubwo rero iyo nshuti yanjye inyizeza ko nzahora nsigarana ayo mafaranga buri kwezi. Amaze kubimbwira, naramubwiye nti "Mpa iminsi itatu njye kubaza Imana yanjye icyo ibitekerezaho. Naragiye kuva uwo muni, nsengera icyo kibazo iminsi itatu".

Noneho ku muni wa kane (4), Imana iransubiza. Mu kunsibiza, nari nsinziriye, injyana mu iyerekwa. Naje kubona mbona ndyanye mu gitanda naryamagamo mu ishuri ry'aho nize icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru. Noneho mu kanya gato mbona indege ebyiri zinjiriye rimwe zisa n'izihiganwa, noneho zose uko ari ebyiri, zigwa ku gitanda cyanjye.

Nahise nkanguka, ntangira kwibaza ibyo aribyobirananirakubisobanukirwa ariko nareba ngasanga bifitanye isano n'ibyo nasengeraga ariko sinsobanukirwe neza n'icyo bishatse kuvuga. Nahise mfata amasengesho yandi y'iminsi itatu, nsengera kumenya impamvu y'izo nzozo.

Ayo masengesho nayarangije kumuni wo kucyumweru, turi mu materaniro, nkomeza gutitiriza Imana ngo imbwire ibyo ari byo, numva ijwi rirambwiye riti: nyamara uri injiji, none iyaba byari byiza, iza ndege zari kuguruka, ntizari kugwa?. Ni ukuvuga ngo business (

ubucuruzi) yawe n'iyuriya mugabo nuzifatanya zose zizagwa. Nashimiye Imana, mpita mfata icyemezo cyo kujya kumuhakanira.

Ikindi kintu nize mu mikorere y'Imana, n'uko iyo ikubwiye ikintu, iguha na gihamya. Nyuma y'ibyumweru nka bibiri, nahuye n'umwe mu bunganizi mu manza (avocat), ambwira ko hasohotse itegeko rivuga ko umuntu uzaba afitiye ideni banki akamara amezi atandatu atishura neza ngo ibikorwa bye (business) bazabiteza cyamunara.

Uwo mwunganizi mu manza yagize ati "Hano hanze hari abacuruzi benshi, batarebye neza bazagurisha ibyabo" yongeraga kugira ati "Nk'urugero nka runaka, ampa urugero rw'uwo mucuruzi twamaze kuvuga haruguru". Nashimye Imana ku rukundo rwe n'imbabazi ze. Imana yacu ni Imana itangaje, kandi itwitayeho twebwe n'ibyacu.

Iyo ubana nayo byukuri, aragukingira, aguhozaho ijisho, akakuburira muri byose, akakuyobora mu nzira zawe zose. N'ijambo ry'Imana rirabitubwira neza ngo "Ndahimbaza Uwiteka umujyanama wanjye, ni koko umutima wanjye, umpugura nijoro. Nashize Uwiteka imbere yanjye iteka, kuko ari iburyo bwanjye sinzanyeganyezwa" (Zaburi 16:7-8).

b. Umwami Yesu yakijije abarwayi anzamurira kwizera

Icyamba mbere: Hari ku wa mbere, taliki ya 19 Werurwe 2007 saa moya za nimugoroba, ni ho banyujijeho

ikiganiro cy'urukiko rw'ikirenga cyo kurengera abatangabuhamya b'urukiko rwa Gacaca. Nabonye kuri televiziyo umugore umwe watambukaga yikurura yunamyeye, nabonye arwaye amerewe nabi, yasaga n'aho umwuka ugiye kumushyiramo.

Uwo mugore yatangaga ubuhamya bw'ukuntu yarokotse Jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994 mu buryo bw'ibitangaza. Nyuma yo kumuhohotera no kumutema urutugu, no kumukubita inyundo mu gatuza, bamubohoye amaboko inyuma mu mugongo bamujugunya muri Nyabarongo ariko, Imana yaje kumukurayo mu buryo bw'ibitangaza, ararokoka.

Naramurebye nkomeza kumva nitonze ibyo yavugaga. Noneho njya kumva ijwi rimbwira ngo "Fata ikaramu n'urupapuro wandike amazina ye n'aho atuye, uzajye kumusura". Numviye ijwi ry'Imana, ndabikora. Uwo mugore, atuye mu Murenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro. Iryo joro nyine, natangiye kumusengera, noneho nemerera Imana ko bucya njya kumusura.

Uwo muni, niriwe mu mirimo myinshi mbura umwanya wo kujyayo. Mu ijoro ryo ku muni wa kabiri, naramusengeye na none, mfata ingamba zo kumusura bukeye ku muni wa gatatu. Na none, byarananiye. Ndagije kumusengera mu ijoro ryo ku wa gatatu, ijwi ryahise rimbwira ngo aho wasengeye, ngo ejo nta kindi uzakora utabanje kujya kumusura.

Mu gitondo cya kare cyo ku muni wa kane, nahise njya ku biro by'Umurenge wa Gahanga kuhamubariza ngira ngo bamundangire. Umuhuzabikorwa yahise yohereza umuntu kumunshakira. Ntiyatinze kungeraho, yahise aza turasuhuzanya, twese twafashwe n'ikiniga turarira. Yasaga n'umuntu utagira utubaraga. Yagenderaga ku nkoni. Noneho ambwira ikintu cyankoze ku mutima, noneho kirandiza cyane.

Yarambwiye ati "Jenoside yantwaye abanjye bose, ni nje wasigaye kandi ni nje wari umuherezi iwacu, none nasigaye ndi ikimuga, kandi sinigeze mbona ubutabazi. Arongera kandi arambwira ngo uku umbona narihebye, ariko mu kwiheba kwanjye, narapfukamye mbwira Imana ko nta mwana w'umuntu nzongera kubwira ibibazo byanjye".

Mu isengesho rye yagize ati "Ni wowe Mana wo kunyitabarira, bitabayeho ibyo, nkipfira". Noneho uwo mugore arambwira ati: "Ko uje kundeba utari unzi, woherejwe n'Imana, akomeza agira ati: Ngiye rero kukubwira ibyanjye byose".

Yambwiye ibyamubayeho byose, arangije ambwira ko yivuye mu bitaro binyuranye ariko, ntabwo yabashije gukira. Noneho ndamubwira nti "Mu gihe byagenze bityo nta baganga bandi nzakujyanaho, reka duhange amaso Imana yo mu ijuru igukize".

Niko byagenze, mu minsi mike cyane tumaze kubonana, yagiye yoroherwa

buhoro buhoro, none ubu, yarorohewe mu mubiri we, mu bugingo bwe no mu buryo bw'Umwuka. Yagiye agarura icyizere muri we cyo kubaho, none yageze no ku rwego rwo kubabarira abamuhohoteye.

Ubu, uwo mu mama abasha gutanga ubuhamya abwira abantu ukuntu Imana yamutabaye, ikamurokora, naho ibyamubayeho muri Jenocide Yakorewe Abatutsi mu Rwanda muri Mata 1994 byari biteye ubwoba.

Kuri ubu, aratanga ubutumwa bwiza bwo kwiyinga kw'Abanyarwanda, asaba abacitse ku icumu rya Jenocide Yakorewe Abatutsi kubabarira, n'abishe bagasaba imbabazi bakihana. Asigaye agenda atanga ubuhamya mu nsengero, mu mashuri, mu biterane n'ahandi hantu hose bamutumiye.

Isomo nakuye mu buhamya bwe n'uko nta muntu ugomba kwirengagiza ijwi ry'Imana, kuko akantu gato agusabye gukora, akavanamo ibitangaza, ibintu bikomeye cyane.

Ese njya kumureba jyewe nari nzi se ko yanyohereje ku mukozi we yatoranije? Sinari nzi ko umugambi Imana yari imufiteho ko wari uwo kumusubizamo imbaraga, akabasha gutwara ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo bwo guhamya urukundo n'imbabazi by'Imana.

Icy a kabiri: Mu minsi yakurikiyeho, hari mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 2007, hari ku munsu wa kabiri nimugoroba, ijwi ry'Imana ryarambwiye ngo "Ejo

uzajye gusenga". Ndarisubiza nti: oya, ejo sinzajya gusenga, nta na rimwe njya gusenga ku munsu wa gatatu. Ijwi ryarongeye rirampata rirambwira ngo ejo uzajya gusenga, ejo uzajya gusenga.

Iryo ijwi ryambujije amahoro noneho mpera ko ndemera. Mbwira Imana ngo "Yego Mana, nzagenda ejo gusenga". Bwarakeye, nkibyuka numva ijwi risubiye kumbwira ngo uno munsu ntacyo ukora, jya gusenga. Umunsu wo ku wa gatatu, hari hasanzwe haba amateraniro y'abagore ku rusengero iwacu, nari nzi ko ahaba ariko nta gahunda nari mpafitiye yo kujyayo.

Uwo munsu amateraniro nayakoreye ku rusengero aho abagore bateranira, ngezeyo, nsanga turi bake ariko twarasanze. Tumaze umwanya, haje umugore urwaye cyane, yaje yandara, yicyara ku ntebe inyuma yacu. Hageze gusengera abarwayi, yaraje apfukama hagatiyacu aratubwirango tumusengere ngo arumva agiye gupfa.

Sinzi uko byagenze ariko ni njye Pasiteri yabwiye ngo murambikeho ibiganza. Naramusengeye mufashe mu nda, kuko yambwiye ko hariho hamubabaza cyane. Maze kumusengera, yasubiye kwicyara aho yari yicaye ariko noneho nkabona ari gukomeza kuremba.

Nahise nsaba Pasiteri uruhusha rwo kumutahana aranyemerera. Naramutsindagije mushyira mu modoka, ntangira kumubaza icyo arwaye. Yarambwiye ati "Niteje inshinge zo guhagarika kubyara, kuko

mfite utwana tubiri dukurikirana vuba na vuba. Noneho zimerera nabi". Imihango yarahagaze hashize amezi ane. None ndaribwa cyane, ubu nikenyeje ibintu by'ibigozi kugira ngo mbashe gutambuka.

Kandi, umutima wanjye urakubita cyane, wagira ngo ugiye kumvamo, mfite n'iserere ryinshi, ndatambuka nkumva ngiye kugwa. Namubajije niba atagiye kwa muganga ngo bamuhe umuti wo kumukuramo ubwo bumara, ambwira ko yagiye bikananirana. Nari nzi ahantu hagurirwa imiti icuruzwa na foreva (produits za Forever) zikura imyanda mu mubiri, ndamubwira nti ngiye kukujyana ahandi hantu bakugeragereze.

Njye nabonaga ari umugore w'umukire ndebye uburyo yari yambaye neza. Noneho ndibwira mu mutima nti ibyo ari byo byose, arabyigurira afite amafaranga. Aho twajyaga hari ku Muhima, noneho tugeze imbere y'ahitwa kuri "SOFARU", numva ijwi rirambwiye ngo: "ni wowe ubigura, ngo nutabigura akarara atabinyoye agapfa, amaraso ye nzayakubaza."

Nahise nemerera Imana nti "Yego Mana ndabigura". Twageze aho babicururiza, ndabigura, ndangije, ndamutahana, mwerekauko abifata, nditahira. Mu ijoro, naramusengeye, nshima Imana. Noneho mu gitondo, numva arantefonye, arambwira ati "Imana yaraye inkijije, byose byasubiye mu buryo, naraye ngiye mu mihango, umutima wasubiye gutera neza, n'isereri ryashize, ubu ndi

kukuvugisha, nagiye gusura maman wanjye ngo mubwire igitangaza Imana yaraye inkoreye.

Nashimye Imana yakoreye uwo mu mama igitangaza, ibanje kumunyereka ngo imunyiyerekereho. Mu byukuri, ntabwotwavugako ari yomitiyamukijije (produits) ni Imana yo mu ijuru yari yamupangiye kumukiza, ikoresha utwo tuntu. Ibyo, twabigereranya na cya gihe Umwami Yesu yasize udutaka ku maso y'impumyi irahumuka.

Imana iza kumbwira ko ari njye ugomba kugura iyo miti (produits), yari izi ko nta mafaranga afite. Naje kumenya ko yari umushomeri, nta kazi yagiraga, yari atunzwe n'umugabo we.

Icyo gatatu: Ku munsu wa mbere wakurikiyeho, saa kumi n'ebiri za mu gitondo, Imana yampuje n'umwana w'umyaka 17 wari urwaye rubagimpande (paralysé) y'igice cyose cyo hepfo. Iyo ndwara, yari ayimaranye imyaka itatu. Nariho ntaha mva i Kamembe (Cyangugu), aho nari maze iminsi itatu naragiye mu bintu by'akazi. Muri gahunda zanjye nari nateguye kuzagaruka ku cyumweru ariko noneho bagiye gukatisha tike, basanga bisi zuzuye.

Noneho biba ngombwa ko ngaruka i Kigali ku munsu wa mbere mu gitondo cya kare. Ninjye wageze muri bisi wa mbere hamwe n'uwundi mugore twari twarajyanye. Maze umwanya muto, abinjiye ba kabiri, ni abagabo batatu bari bazanye umwana urwaye indwara

ya rubagimpande (paralysé). Abo bagabo bari bayobowe na mama w'uwo mwana. Acinjira, nahise mubaza icyo umwana we arwaye. Ambwira ubwo burwayi ko arwaye rubaga impande (paralysé) y'igice cyose cyo hepfo, kandi ko abimaranye imyaka 3.

Uwo mu mama yambwiye ko nta bitaro atamuvurishijemo i Kamembe (Cyangugu) ko no ku Ibitaro bya Kaminuza CHUB byo mu Karere ka Huye (Butare) yamujanyeyo ariko ntacyo byatanze. Ngo none, bamwohereje mu Ibitaro bya Kaminuza bya CHUK i Kigali. Naramubwiye nti "Ni byiza kujyayo ukagerageza ariko nubona nanone abaganga bananiwe uzambwire".

Twahiseduhananimerozacyuzatelefoni. Namaze kumubwira ayo magambo nsigara nibaza icyo nayavugiye. Kuko mu byukuri sinabitekerejeho, nasanze ariko namubwiye. Noneho, ntangira kwibaza icyo nakora icyo ari cyo abaganga bananiwe. Nsanga ntacyo mfite. Ntangira kwibaza nti : buriya ntiyibaza ko namujana mu bapfumu? Ubwo nakomeje kubyibazaho nsanga mu by'ukuri nashanutse nkomeza kwicyuza.

Bisi igihaguruka, nahise numva ijwi rimbwiye ngo senger uriya mwana. Naramusengeye, ngeze no mu rugo, buri joro naramusengeraga. Tugeze i Kigali bo bahise bagenda kuri CHUK, nanjye mpita ntaha.

Ku muni wa kane w'icyo cyumweru nyine, mu gatondo cya kare nkimbyuka,

numvise ijwi rimbwira riti: " « Ubu nonaha, hamagara Felicite », ari we Mama wa wa mwana". Nahise mfata telefoni ndamuhamagara, mubaza iby'umwana we uko byagenze.

Nyina w'uwo mwana yahise ambwira ko abaganga babuze icyo arwaye kuri CHUK, ko ahubwo bahise bamwohereza ku Ibitaro Byitiriwe Umwami Fayisali (Faycal) kumunyuzza muri sikaneri (scanner), ariko naho nyine ntacyo bashoboye kubona.

Nyina w'uwo mwana yagize ati "None abaganga batumye nkomeza kwiheba no gutakaza icyizere ko umwana wanjye adashobora kuzakira. Mu by'ukuri, umuntu abirebye neza, abaganga bo babona umwana arwaye ariko Imana yo yari yaramaze kumukiza. Kuko ibipimo (clichets) bya radiyo bafatiye i Kamembe (Cyangugu) na Butare, byerekana ko hari amagufa 2 y'umugongo yari yarabusanye.

Ibitaro bya CHUK na Fayisali (Faycal), ibipimo (clichets) byaho byerekanaga ko amagufa y'umugongo yose afatanye ariko umwana akagaragaraho indwara ya rubagimpande (paralysé). Byarabayobeye, bihutira gufata umwanzuro kuri uwo mwana ko atazakira. Nta n'icyo bagerageje ngo bamuvure ari CHUK ari Fayisali (Faycal) nta na hamwe bigeze bamuha n'ikinini cyo kunywa.

Nyina w'uwo mwana yahise yumva yihebye, noneho afata umwanzuro

wo kumusubiza iwabo i Kamembe (Cyangugu). Ariko, kubera ko yababaraga cyane, yabanje kumujyana mu bitaro by'umuganga wikorera, kugira ngo amuhe imiti yamworohereza, kuko yari afite ububabare bukabije.

Uwomunsinyine ku wakane, nahise njya kubareba. Nabashiriye utuntu dutanga ingufu twa vitamine na ka pomade ka massage. Si nyje wabihisemo kubikora, nabitegetswe n'Imana. Twaraganiriyeye akanya gato hanyuma mpita nitahira. Urumva, nta byinshi twashoboraga kuganira kuko tutari tuziranyi.

Ku cyumweru saa kumi z'ijoro nyuma y'iminsi 3, numvise telefoni ivuze, ndayifata, nyitabye, nsanga ni mama wa wa mwana, arambwira ngo "Ngwino ningoga urebe, Imana ikoze igitangaza, umwana wanjye arahagurutse ariho yigenza".

Nahise mbyuka njya kumureba, ncinjira, umwana yahise ahaguruka aza kunsanganira arampobera. Nahise nshima Imana kuri icyo gitangaza cya gatatu Imana yari inkoreye.

Narahavuye nganira na mama we iby'umwana we, kuko sinabyumvaga byari byandenzwe. Yarambwiye ati "Mu byukuri, tuza hano i Kigali, Imana yari yaramaze kunkiriza umwana, kuko, tujya kuza ni Imana yanyihutishije ngo ninze i Kigali vuba na bwangu ariko ntacyo abaganga bazashobora, ngo nyamara, nzaguhuza n'umumama azaguhesha umugisha.

Ubu ni ho nabonye ko ari wowe Imana yari yarambwiye. Mu byukuri, nanjye bambereye umugisha, kuko Imana yari yamukirije i Kamembe (Cyangugu) ariko, yamuzanye kumuhagurukiriza imbere yanjye, kugira ngo ikomeze inyiyereke, ikomeze ukwizera kwanjye, kandi nzabashe ubwanjye guhamya izo mbaraga n'ibitangaza by'Imana.

Ibitangaza Imana yagiye ikorera imbere yanjye, n'ibyo yankoreye ku giti cyanjye, ni byinshi, cyane. Sinabirondorera hano byose, ahubwo, nafashe bike muri byo kugira ngo umuntu utari wizera Yesu Kristo, amenye ko ari uwo kwizerwa, amenye kandi ko abamwiyeguriye ko hari ubundi busabane n'imibanire bagirana itabonywa n'uwo ari we wese.

c. Umwami Yesu yampaye umurimo we

Icyo nabanza kubatangariza ni kimwe: "Ntacyo nakoreye Umwami wanjye Yesu Kristo cyari gutuma ampemba kumpa Agakiza, yarangiza akangabira umurimo we".

Ni ku buntu bwe, n'urukundo rwe ruhebuje. Ntabwo nsenga kurusha abandi, nta n'ubwo nkiranuka kurusha abandi, nta n'ubwo ndi umunyabwenge kurusha abandi, nta nubwo ndi mwiza cyane, nta n'ubwo nkize kurusha abandi, sinshoboye gukora kurusha abandi, nta n'ubwo ngira ubuntu kurusha abandi.

Ni ku buntu Imana yangiriyeye kugira ngo impe umurimo we utangaje wo gutangaza inkuru nziza y'Agakiza. Agakiza, ni Umwami wacu Yesu Kristo

umwana w'ikinege w'Imana wigize umuntu akaza mu isi kudupfira, kugira ngo dukizwe n'amaraso ye. Njya nibaza gute Imana yakuye mu kanywa kanjye ibitutsi byabagamo, igashiramo Ijambo ryayo, bikandenga. Nta shimwe rindi nabona atari ukuvuga umubyeyi wanjye uko namubonye, kugirango izina rye ndyamamaze hose, abantu bose bamumenye kandi bamubahe.

Icyo nabashije gusobanukirwa ni uko twese twaremewe imirimo myiza muri Yesu Kristo. icyo adusaba ni kimwe ni ukumwegera no kumuha umwana wa mbere mu buzima bwacu. Twese, yiteguriye kudukoresha. Ijambo ry'Imana rigira riti "Ibisarurwa ni byinshi ariko abasaruzi ni bake". Umurimo w'Imana ni mugari, uzawipfuzaga wese azawuhabwaga.

Nahawe ku buntu, nzatanga ku buntu, ni cyo Imana insaba

Kuva menye ko gukizwa ari byo bidukingurira umuryango wo kujya mu ijuru, n'uwo kuba abana b'Imana, n'inkurikizi yabyo ari ko kuba abaragwaga b'Imana kuri ino si no mu buzima buzaza bw'inyuma y'ubu buzima, nahereyeho ngira umutwaro w'abadakijijwe, kugira ngo na bo bakizwe.

Muri Yohana 1:10-13 hagira hati: *"Yari mu isi ndetse ni we wayiremye, nyamara ab'isi ntibamumenyaga". Yaje mu byo ariko abe ntibamwemera. icyakora, abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo, ntibabyawe n'amaraso cyangwa ubushake bw'umubiri, cyangwa n'ubushake bw'umugabo, babyawe n'Imana" Amen.*

Maze kumva ibyo ko nabyawe ubwa kabiri n'Imana Data wa twese, byanteye ibyishimo byinshi. Kandi ibyo byakomejwe mu mutima wanjye n'imibanire nagiranye n'Imana yanjye yaranze n'ibi bikurikira:

- Imana yanjye nayigize iya mbere mu buzima bwanjye. Ni yo yuzuye mu mutima no mu bitekerezo byanjye. Gahunda nsangiye n'Imana ni yo nshira mbere y'izindi zose. Ubusabane buhoraho n'Imana. Turaganira. Ubundi, nari nzi ko Imana itakivugaga, ko Imana yavuganaga n'abantu ba kera dusanga muri Bibiliya, ariko ko ubu yicekekeye. Imana yacu ni Imana ivugaga.

- Nagize amahoro menshi yo mu mutima aturuka ku kwizera. Kuko, namaze kumenya ko Imana iri kumwe nanjye igihe cyose, kugira ngo inkize ibyago byose. Nabonye uburinzibuvuyekumwami wanjye Yesu Kristo kuko yambereye inshuti itangaje. Yambereye inkoramutima. Ni inshuti idahinduka, ni inshuti idahararuka, ni inshuti idahemuka.

Ibyo byose byatumye numva naragiriwe ubuntu butangaje, numva ko atari ibyo kwiharerana, ahubwo ko ari byo gutangariza abandi kugira ngo abatarakizwa na bo bakizwe. Nakundaga gusengera abatarakizwa, nsaba n'Imana ngo impishurire Agakiza icyo ari cyo, nanjye nzigisha abandi Agakiza.

Hano, nifuza kubabwira mu magambo make uburyo Imana yagiye impishurira Agakiza, ikanyigisha kugira ngo nzakigisha n'abandi. Ku wa 17 Kamena 2007, narabyutse, njya gusenga noneho muri

iryo joro, nasenze isengesho ntari nigera nsenga mu buzima bwanjye. Nta n'ubwo naritekerejeho, nasanze ndiho nsenga gutyo. Iryo sengesho byangaragariye ko ryari risunitswe n'Umwuka Wera w'Imana. Nabwiye Imana nti : “ Mana, murikira umucyo wawe, kugira ngo nanjye murikire abandi nkugarurire benshi”.

Narangije gusenga ari saa kumi n'imwe n'igice za mu gitondo, nkinguye urugi ngo njye hanze, nakubitanye n'izuba rurimo Umwami wanjye Yesu Kristo. Yahise aza mu izuba ngo amurikire.

Nabonye Izuba ridafashe ku bicu ribyinira mu kirere, izuba riseka, izuba rihindura amabara, ryari rifite imirasire itangaje ntari nigera mbona, kandi rikaguma rihindura amabara, noneho rigahindura amabara y'ibiti n'ibyatsi, wagira ngo nari nagiye ahandi hantu ntazi. Ntabwo nari nkiri muri ino si.

Umutima wanjye wagira ngo wari kunyurwamo n'iy mirasire, umubiri wanjye nawo wagira ngo unyurwamo n'amashanyarazi. Naratangaye cyane, nuzura ibyishimo bidasanzwe. Iryo bonekerwa, ryamaze iminota 30. Nyuma y'iy minota 30', iryo zuba ryarahindutse, risa n'amaraso noneho, ryararaga hejuru y'ibiti risubira mu bicu.

Igihe izuba ryari rimaze guhinduka amaraso, numvise muri nje ngize umubabaro mwinshi, kuko icyo gihe ni nkaho nari kureba Yesu ku musaraba. Uwo mubabaro nagize, wakomeje kungumamo, ugatuma ngira umutwaro wo gusengera ibyaha byanjye n'iby'abandi batuye muri

ino si bose, ntabaza Imana ngo isuke Agakiza mu mitima y'abantu bo mu isi.

Mu ijoro ryo ku wa 9 Ukwakira 2007, Imana yampaye ubutumwa nkwiye kubwira abantu batuye mw'isi. Yarambwiye ngo mbwire abantu ko “Gukina byarangariye”, dore mpagaze ku musozi wa Siyoni ndavuzwa ifilimbi (impanda), mwa bana b'abantu mwe ko nabahaye ibyiza byo mw'isi byose ngo numererwe neza, nababwiye ko ari yo maherezo?

Imana irongera ivugana nanjye igira iti “Ko nabohereje umwana wanjye Yesu ngo abereke uburyo mungeraho, akanabapfira ariko ntacyo mwize. Ubu wowe, ambwira : wohereje umwana wawe mu ishuri akagenda agakina gusa akakuzanira zero, wamererwa gute?”. Dore mugiyeye kunzanira amazeru. Kuva uyu muni ubwire abantu uti : “Uwumva ijwi ryanjye ntiyinjirire umutima”. Ikindi kandi, abo birirwa bampamagara ngo databuja databuja badakora ibyo mbabwira, ndabahakaniye”.

Ubwo butumwa, bwanteye ubwoba, buntera n'agahinda, kuko nasobanukiye ko kuza k'Umwami wacu Yesu Kristo kuri bugufi ariko twebwe abana b'Imana, tukaba tutiteguye kumusanganira.

Turangaye mu iby'isi byadutwaye imitima. Ntabwo twita ku iherezo ryacu ngo dutegure ubuzima buhoraho tuzabaho inyuma y'ubu turimo, none dushobora kuyoberwa, tugatahukana zero ari cyo kimwari, tukabura ijuru. Tugomba kumva neza ko umwanya tumara mu isi ko ari

umwanya wo kwitegurira ubugingo buhoraho. Ntituwupfusha ubusa, reka dushakisha ijuru, tuzagire iherezo ryiza.

Umwami wacu Yesu Kristo yapfiriye abari mu isi yose kugira ngo bakizwe bazabone ubugingo buhoraho ariko, hazakizwa abazamwakira mu buzima bwabo, bakamwiyegurira akababera Umwami, Umutware n'Umukiza wabo, bakagendana na we ubuzima bwabo bwose. Abo ngabo nibo bazanesha.

Muri Bibilya ntagatifu, mw'Ijambo ribanziriza Inkuru Nziza ya Yesu-Kristo nk'uko yanditswe na Yohana, haranditse ngo : *"Uubasha bw'umwijima n'urupfu, buzagerageza kuburizamo umurimo wa Yezu, ariko, buzatsindwa. N'abantu bazanga ko abagabira ubuzima, bazacibwa, abazabwakira bo, bazarokorwa iteka ryose"*.

N'Umwami wacu Yesu Kristo, yaratwibwiriye mu Butumwa bwiza twahawe na Yohana 14:6 yagize ati *"Nijye nzira n'ukuri n'ubugingo, nta wuja kwa Data ntamujyanye Amen"*. Umwami Yesu, yarongeye aratubwira ati *"N'ukuri n'ukuri, ndababwira ko ari nje rembo ry'intama. Ni nje rembo, umuntu niyinjira muri nje, azakizwa (Yohana 10:7-9).*

Umwami Yesu atwingingira kuduha ubugingo buhoraho muri iri jambo ngo *"Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo buhoraho"* (Yohana 5:40). Ndumva binkwiriye ko nsubira gushimangira ko urugendo rutuvana kwa Satani rutujyana ku Mana Data ko nta handi rutangirira atari mu kwakira Umwami wacu Yesu Kristo mu bugingo bwacu.

Tumenye neza kandi dusobanukirwe ko inzira y'agakiza ari yo yonyine itugeza kwa Data ariko benshi ntabwo barabisobanukirwa. Hari n'abamaze kubisobanukirwa ariko bakanga kwakira Agakiza kubera amadini barimo ababwira ibindi binyuranije n'Agakiza, noneho aho kumvira Imana, bakumvira abana b'abantu, bagakurikiza amahame n'imihango y'amadini, bakumva ko ari byo bizabageza mu Ijuru.

Nyamara, Ijambo ry'Imana rirabisobanura neza. Ni cyo kibabaza Imana, kuko, benshi ntabwo bitaho gushakisha ukuri bagushakishiriza mu Ijambo ry'Imana, kugira ngo bamenye Imana bamenye no kubana nayo. Ahubwo, biruka inyuma y'abantu nka bo, nk'abatagira ubwenge.

Ikindi, abenshi baracyaboshwe n'iby'isi, baracyari mw'irari ry'imibiri yabo, bashakisha gusa ibibanezeza. Nyamara tumenye neza ko *"Abari muri kamere ko badashobora kunezeza Imana, ntibashobora no kubona Imana"* (Abaroma 8:8) Dukwiriye gushaka Imana tukayibona, tukiga kubana nayo.

Icyo abantu bakwiriye kumenya n'uko nitudahura n'Imana muri ino si, ntabwo tuzahurira mw'ijuru. Byose, birangirira hano mu isi. Tureke gukina, dushakisha Imana mu buryo bwacu bwose, tuyigereho, tuyibone, tubane nayo, tuzaje mu ijuru kubana nayo iteka ryose. Dutekereze kw'iherezo ryacu, turihe ikibanza cya mbere mu buzima bwacu bwo muri ino si. Ubuzima tubaho muri ino si ni bwo bugena iherezo ryacu.

Ubwo butumwa Imana yampaye, nafashe umwanya wo kubutekerezaho cyane. Ku bwo Imana yavuze ngo “Mpagaze ku musozi wa Siyoni ndavuzza ifilimbi” (Impanda) akongera akagira ati : “Mugiyiye kunzanira amazeru”. Numvisemo ko Yesu ari bugufi bwo kujyana Itorero rye, noneho bituma mfata amasengesho yo gusabira abari mu isi bose igihe cyo kwisubiraho (repêchage).

Nabwiye Imana nti “Ntabwo ngusabye gusubiramo (redoublement) kuko abana iyo basubiyemo umwaka w’ishuri, barirara bakumva ko hari icyo barushije abandi bashya bigana, kuko ibyigwa byose baba bamaze kubibona, noneho ugasanga bariraye, baratsinzwe kuko nta mwete babigizemo.

Mu kumpa igisubizo, umunsi umwe Umwami Yesu yarambwiye ngo “Ndi Intare yambaye ubwoya bw’Intama”. Kugira ngo menye neza icyo Umwami Yesu yashatse kumbwira, nashakishije mu Ijambo ry’Imana, iryo Jambo, nsanga ryanditse mu *Ibyahishuwe*, 5:5-9-10 handitse ngo :

“Intare yo mu muryango wa Yuda n’igishitsi cya Dawidi iranesheje. Umwana w’Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n’ubutunzi, n’ubwenge, n’imbaraga, no guhimbazwa, n’icyubahiro n’ishimwe, kuko watambwe ugacungurira Imana Data abo mu muryango yose no mu ndimi zose no mu moko yose, no mu mahanga yose, ubacunguje amaraso yawe, ukabahindurira kuba abami n’abatamyi, kandi bazima mu isi”.

Ayo magambo y’Imana nasomye muri Bibiliya, yanyigishije ko Umwami Yesu agereranywa n’Intare, akanagereranywa n’umwagazi w’Intama, ibikoko bibiri bitandukanye cyane. Intare ni igikoko

gikomeye, gikaze cyane ni cyo mwami w’ibikoko. Intama nayo ni igikoko cyoroheje, kitagira imbaraga, kiyoborwa n’uwo ari we wese. Ushobora kukijyana aho ushatse.

Muri iryo jambo yambwiye, yashatse kunyumvisha ko ari Umwami w’isi n’ijuru kandi ko ari umwami ukaze. Akwiye ishimwe n’icyubahiro. Umunsi umwe yaranyibwiriye ngo “Ntuzigere umenyera, ndi Imana itamenyerwa”. Abantu benshi muri ino si bamenyerereye Imana, ntabwo bayitinye, ntabwo bayubaha, bitwara nk’aho wagira ngo Imana ntibaho, bitwara nabi imbere y’amaso y’Imana.

Abantu bamwe bafata Imana nk’aho wagira ngo n’umwana bakina na we cyangwa mubyara wabo. Ubwo butumwa yampaye harimo kandi ko nubwo ari Umwami ukaze, aracyuzuye impuhwe, aracyiyoroheje, aracyameze nk’Intama. Aracyaduha umwanya wo kwisubiraho, aracyicyaye ku ntebe ye y’imbabazi kugira ngo atubabarire ibyaha byacu byose.

Igihe twatijijwe cyo kuba ku isi cyari gikwiriyeye kutubera umugisha, tugikoreshe neza ntikitubere impfabusa, kuko tutazi igihe tuzamara ku isi, ari nje ari wowe, ntawe uzi umunsi n’isaha azitabiraho Imana (gupfa), kandi nta n’umwe uzi isaha n’umunsi Umwami wacu Yesu Kristo azagarukiraho. Yivugiyeye ubwe, ko azaza nk’umujura.

Icyatumye Imana ibivuga ni ukugira ngo duhore twiteguye, tube maso kugira ngo tutazatungurwa, duhore tuzirikana aya magambo “Igihe cyose tugezemo, duhore twiteguye nk’aho ari icya nyuma mu buzima

bwacu. Buri munsu, twirirwe nk'abatarangiza umunsu, kandi turyame nk'abatazakanguka ejo".

Iki ni cyo gihe cy'imbabazi twahawe n'Imana yacyu. Iki ni cyo gihe cyo kwisubiraho, cyo kwisuzuma, kugira ngo turebe twebwe ubwacyu ibikidutandukanya n'Imana tubyihane. Noneho, ibitunaniye, dusabe Imana ibidufashemo. Kuko ari wo mwanya dufite twahawe.

Buri muntu, yari akwiriye gusubira muri dosiye ye bigishoboka, kuko mu ijuru nta kujurira kuba kugishoboka. Kandi buri muntu azaserukana dosiye ye. Gufata iyi nzira y'Agakiza ijyana mw'ijuru ni buri muntu ku giti cye. Na so na nyoko n'umutware wawe cyangwa umugore wawe n'inshuti yawe ukunda cyane, ntabwo yabigukorera.

Inzira y'Agakiza ni inzira, ufata ku bushake bwawe, ukayinjizwamo n'Umwami wawe Yesu Kristo, ukayigendanamo na we, ukayisozana na we. N'ubigenza gutyo, ukirinda gutandukana na we, ukomatana na we, ntumutange imbere cyangwa ngo usigare inyuma ye, uzanesha, ubone ubugingo buhoraho.

Icyo, ni cyo Yesu agusaba. Umwami Yesu yarivugiyeye ati : "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe y'Ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye" (Ibyahishuwe 3:21).

Maze kubona ubwo butumwa, narasenze ngo Imana yo ubwayo abe ari yo iyobora kino gihe yaduhaye cyo kwisubiraho. Naramubwiye nti : "Ntabwo ndi kumva uburyo nyuma y'imyaka irenga 2000 umwana wawe aje mu isi, abari mu isi bose bakaba

bataramenya Agakiza, abantu benshi bakaba bataramenya inzira ijya mw'ijuru kandi hari amadini menshi n'amatorero yitwa ko avuga ubutumwa bwiza bwa Kristo, ariko ugasanga ahisha abayoboke babo iby' Agakiza.

Nagiye mbwira Imana ngo nanjye, urabizi ko kugeza ku myaka 52 y'amavuko, nari mu idini nakuriyemo riyitirira Umwami Yesu ariko ntazi Agakiza, ntanakarimo. Nari narabatirijwe umunsu umwe nyuma yo kuvuka nitwa Kiristina ariko sinari uwa Kristo kandi ntabizi.

Sinari nzi ko nkiboshwe na Satani, kugeza ku munsu Umwami wanjye Yesu Kristo yanyihamagariye ngo mwakire mu bugingo bwanjye. Nkajya mbwira Imana nti "Buriya icyo nigishwa kare iby'Agakiza, uba waranyihishuriye kare, kuko wari kubona aho ushingira". Ibyo nabivuga gutyo, cyane cyane ko umunsu umwe, Umwami Yesu yari yarambwiye ngo "Nifuje kugendana nawe kuva kera ariko nari narakubuze".

Natakambiye Imana amanywa n'ijoro ngo abe ari yo irangiza iyi mikino turimo, imikino tumazemo igihe kinini, idusubize mu ishuri itwigishe, kuko nararebaga nkabona abakozi b'Imana basa n'aho bananiwe.

Mu kunsubiza iryo sengesho, Umwami Yesu yarambwiye ati "Gahunda y'ububutse ni ukubwizanya ukuri". Mu butumwa bwiza bwa Yohana 18:37, Umwami Yesu yarabwiyeye ati : "Uwo ukuri wese yumva ijwi ryanjye". Gahunda y'ububutse Umwami wacu yarayitanze, kandi icyo umuntu abitekerejeho neza, twayobejwe

n’uko tutabwiwe ukuri ngo tumenye inzira y’Agakiza ari we Yesu. Nti twasobanuriwe neza Ijambo ry’Imana kuko niko kuri.

None, Umwami Yesu yihagurukiye kutwiyigishiriza, kudusobanurira we ubwe, kugira ngo tumenye ukuri, tumenye n’uburyo tugendana na we tuzabashe kugera mu ijuru.

Imana imaze kumpa gahunda, namaze iminsi nyisaba urutonde rw’ibygwa. Umwami wacu yarabiduhishuriye. Yampaye imfunguzo eshatu , zari zanditseho amagambo atatu asobanura ibyigwa abantu bo mu isi yose bagomba kwigishwa kugira ngo basobanukirwe inzira y’Agakiza, iyo ni yo nzira yonyine ijyana umuntu mw’ijuru.

Izo mpfunguruzo ni na zo tuzaserukana imbere y’Umwami wacu Yesu Kristo kugira ngo ijuru ridufungukire, umunsi tuzava muri uyu mubiri.

Urufunguzo rwa mbere handitseho:
Agakiza

Ku rufunguzo rwa kabiri handitseho:
Amaraso ya Yesu

Ku rufunguzo rwa gatatu handitseho:
Imirimo

Umwami wanjye Yesu Kristo amaze kuzimpereza yarambwiye ati :
“Urufunguzo rwa mbere, ni rwo rufungura imitima yinangiye, kuko Agakiza ni Yesu. Urwa kabiri ni rwo rubuhagira ibyaha byanyu. Urwa gatatu, ni rwo ruzabazamurira mu ijuru. Igihe cyose cyo kubaho kwawe, menya neza niba izo mfunguzo uko ari eshatu uzifite kandi uzigendana.”

Menya neza udashidikanya niba warakiriye Yesu mubugingobwawe, ubikoze ubishaka nta gahato, utabikoreshejwe mu buryo bw’imihango y’idini nk’uko nanjye nari narabikoreshejwe nkiri muto ntazi n’ibyo ari byo. Bari baraduhishe ijambo kwakira Agakiza, ahubwo, bakatubwira ngo ni “Ukuraganira”. Ikindi, ugomba kumenye neza niba wizera Umwami wacyu Yesu Kristo.

Menya neza niba warababariwe ibyaha byawe, umwami Yesu akaba yarakogeje mu marasoye, kandiko ashishikarukuyakogesha igihe cyose usitaye. Ibyo, uzabihabwa no guca bugufi ugasaba imbabazi Umwami wawe, ukamusaba imbabazi y’ibyaha byose wakoze utaramwakira, ndetse n’igihe cyose waguye mu cyaha, ukatura ibyaha byawe.

Itwararike umurimo w’Imana, uhamirize Yesu ku batamuzi, uvuge ubutumwa bwiza wongere ube umunyampuhwe, wite ku abababaye n’abatagira kivurira, ubasengere kandi ubafashe uko ushoboye.

Umwami Yesu Kristo, ni we ubwe wanyigishije kuri izo mfunguzo , kugira ngo nanjye mbashe kwigisha abandi. Kuva muri Werurwe 2010, ni ho Imana yatangiye kunyigisha mu buryo busesuye kandi butangaje.

Imana yagiye impa ubutumwa bw’ubuhanuzi (messages) bwo kugeza ku bari mu isi bose, kugira ngo babashe kumenya ukuntu bakwiriyeye kwitegurira ukuza ku Umwami Yesu Kristo, kuko ari bugufi, nk’uko Imana yabyivugiyeye atuburira we ubwe.

Ubwo butumwa, Imana yabumpamanye n'imirongo ya Bibiliya ngomba kwisomera kugira ngo nsobanukirwe. Ubwo butumwa, nabwo nabukozemo igitabo cyihariye Imana yise "TEKEREZA KU IHEREZO RYAWU".

Umuntu uzabasha gusoma icyo gitabo azasobanukirwa iby'Agakiza nk'uko nanjye nabashije kugenda nsobanukirwa. Ibisobanuro nabonye muri ubwo butumwa, byamfashije kwandika ikindi gitabo kuri za mfunguzo 3 zifungura ijuru. Icyo gitabo cyiswe, n'Imana ngo : « AGAKIZA SI IGIKINISHO », kizabafasha gusobanukirwa neza ku nzira nyakuri izatugeza mu Bwami bw'Ijuru.

Igice cya IV : Umwanzuro

Ubutumwa: Nizeye ko ubu buhamya nshize ahagaragara ko buzazana impinduka nziza mu buzima bw'abazabwira. Nzi neza ko muri ino si ko hari abantu benshi bameze uko nari meze ntarakizwa, bakaba barushye, ariko batari ukuntu babona uburuhukiro bw'imitima yabo.

Ubu buhamya, bushobora kubabera igisubizo cy'ikibazo mufite. Ubu buhamya, bubagaragariza ko amahoro, umutuzo n'umunezero w'imitima yacyu ko nta handi bituruka atari mu Gakiza ari we Yesu Kristo, ari we Jambo ry'Imana. Kandi ko nta wundi wabasha kudukurikira atari we.

Nizeye kandi ko ubu buhamya hari abo buzamenyesha Agakiza, bakava mu rujijo. Bugatuma bafata icyemezo cyo kwakira Yesu, no guhinduka, no kwita ku iherezo ryabo, bashakisha kubona za mfunguzo eshatu zifungura ijuru. Noneho, ibyo,

bakabirutisha iby'ubu bukingo bw'isi. Ndetse, bigatuma barekeraho gukomeza guhanga amaso abantu nkabo, ahubwo, bagahindukirira Imana.

Iki cyizere, ni cyo cyampaye gushyira amanga yo kugaragariza abandi ukuntu nari meze ntarakira Agakiza, nkabagaragariza ingene Umwami Yesu yampamagaye, nkabagaragariza impinduka zitangaje zambayeho maze kwakira Yesu Kristo mu bukingo bwanyije akambara Umwami n'Umutware, nkabagaragariza kandi ubusabane bwihariye nahise ngirana n'Imana.

Ni cyo gituma nshoje kino gitabo mpamagarira buri wese utari wakira Yesu kumwakira, ni we mahoro yacu, kandi, ni we nzira n'ukuri n'ubugingo, nta wuzajya, kwa se ari we Data wa twese atamujyanye kuko ni we mucamanza wacu.

Mpamagariye kandi n'abamaze kwakira Agakiza, guha agaciro ubuntu bahawe n'Imana, bakarekera aho ngaho gukomeza gukinisha Agakiza, bahera mu ntege nke no mu bushake buke. Bene Data, gukina byararangije, tumenye ko intabwira zizabwirwa ari uko amaso atukuye. Twari dukwiye kwikubita agashyirira, amazi atararenga inkombe tukita kw'iherezo ryacyu. Amen !!!

Umwirondoro

Iki gitabo, cyanditswe na Nyakamwe Christine.

Navukiye i Burundi, taliki ya 25 Mata 1954, ahantu hitwa i Mugera, mu Ntara ya Gitega. Nize amashuri abanza n'icyiciro cya mbere cy'amashuri makuru aho nyine i Mugera.

Icyiciro cya kabiri cy'amashuri makuru nayize mu Bukeye no mu Rutovu, mu mashuri nderabarezi. Nize muri Kaminuza y'i Burundi, mu ishami ry'ubumenyi bwo kwigisha. Nabonye impamyabumenyi yo kwigisha abigisha mu 1981. Nubatse n'Umutware wanjye Polisi Denis mu 1980, dufitanye abana 6. Nakiriye Agakiza taliki ya 30 Mata 2006.



Incamake

Nyuma yuko mara imyaka 52 y'amavuko, mbaswe no kugendera mu mwijima wo kutamenya, ngendera mu rwitwazo rwuko ndi umunyedini wabatijwe nkiri umwana muto maze umunsi umwe mvutse; nyamara nkurira muni y'ubutware bw'umwijima, nkandamijwe n'ubwoba bw'inshi n'umururumba w'iby'isi, Yesu yaranyiyeretse arantabara!

Uzasoma wese ubu buhamya, ndamusabira ku Mana ngo buzamuzanire impinduka nziza mu buzima bwe.

AMEN